



RQF LEVEL 3



CCMKN302

Ikinyarwanda Kiboneye

IGITABO CY'UMUTOZWA



IKINYARWANDA KIBONEYE



UMWANDISI (COPYRIGHT)

Iki gitabo ni umutungo wa Rwanda TVET Board ©. Ni rwo rwego rufite ububasha bwo gutubura iki gitabo.

Uburenganzira bw'umuhanzi bugomba kubahirizwa.

1. Iki gitabo cyanditswe bwa mbere na RWANDA TVET BOARD, ku nkunga y'Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi, binyuze mu mushinga **UBUKERARUGENDO IMBERE**.
2. Uburenganzira bw'umuhanzi bugomba kubahirizwa ariko abakora mu nzego z'uburezi mu mashuri ya Tekinike, Imyuga n'Ubumenyi ngiro bemerewe gutubura iki gitabo mu gihe babikoresha ku mashuri.
3. Uburenganzira bwavuzwe haruguru ntibwemera ituburwa ry'iki kitabo rigamije ubucuruzi cyangwa kugikoresha ahandi hatari mu mashuri arebwa n'iyi nteganyanyigisho.
4. Amasomo akubiye muri iki gitabo agaragaza imitekerereze n'ibyifuzo by'Ubuyobozi Bukuru bwa RTB.
5. RTB ni yo ifite uburenganzira ku gitabo cy'Umutozwa n'icy'Umutoza. Abatanga amahugurwa bashobora gutubura zimwe mu nyandiko zabyo cyangwa ibitabo byose uko byakabaye mu rwego rwo kunoza umurimo bariho ariko bigakoreshwa gusa mu bigendanye n'ayo mahugurwa. Kuri buri nyandiko yatubuwe hagomba kugaragaraho ko uburenganzira ari ubwa RTB. Ubundi buryo bw'imikoreshereze y'iki gitabo, bugomba gutangwa na RTB.



© Rwanda TVET Board

Iki gitabo kiboneka ku rubuga:

- HQs: Rwanda TVET Board-RTB
- Web: www.rtb.gov.rw

KIGALI-RWANDA

Cyatangajwe bwa mbere muri Gicurasi, 2023

Uwatangaje iyi mbumbanyigisho, arashimira aba bakurikira, uruhare bagaragaje mu iyandikwa ryayo:

Ubuyobozi bwa RWANDA TVET BOARD burashimira byimazeyo buri muntu wese wagize uruhare mu iyandikwa ry’ibi bitabo by’Ikinyarwanda; icy’Umutozwa n’icy’Umutoza, bigenewe ikiciro cya gatatu mu mashami yose ya Tekiniki, Imyuga n’Ubumenyi ngiro.

RWANDA TVET BOARD irashimira by’umwihariko, imiryango itandukanye; nk’ Umuryango w’Ubumwe bw’Ibihugu by’i Burayi, ubinyujije mu mushinga “UBUKERARUGENDO IMBERE” wateye inkunga iki gikorwa. Turashimira kandi impuguke mu by’Ubukerarugendo n’Amahoteli ku rukuhare bagize muri iki gikorwa ndetse na French Press Ltd yakurikiranye igikorwa k’iyandika ry’ibi bitabo.



Byatewe inkunga n’Umuryango w’Ubumwe bw’Ibihugu by’i Burayi

Ku bufatanye ndetse n’Ubugenzuzi bw’Umushinga UBUKERARUGENDO IMBERE



Ku mabwiriza n’imirongo migari by’Ikigo k’Igihugu Gishinzwe Amashuri ya Tekiniki, Imyuga n’Ubumenyi ngiro (RTB)

ABAYOBOYE IKI GIKORWA CYO KWANDIKA

Rwamasirabo Aimable

Ntahontuye Felix

Abagize uruhare mu iyandikwa ry'iki gitabo

Abanditsi, Abakosoye n'abafashije mu iyandikwa ry'iki gitabo

Ndikuryayo Valens

Mporananayo Noel

Habiyambere Daniel

Gahungu Faradji

Abatanze imirongo migari, guhuza n'igihe, Isubiramo no kunoza iki gitabo

Gihoza Ngoga Pacifique

Sebagabo Jean De Dieu

Rukazamihigo Samson

Abatunganyije igitabo n'amashusho

Ngarambe Albert

Niyonsaba Asoka Jean Claude

Abakurikiranye iki gikorwa

French Press Ltd.

IMPINE N'IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE

RTB:	Rwanda TVET Board
TVET:	Technical and Vocational Education and Training
TSS:	Technical Secondary School
J:	Inyajwi
D:	Indomo
RT:	Indanganteko
C:	Igicumbi
GR:	Ingombajwi y'indagi
GR:	Imbere y'ingombajwi y'indagi
n-:	Inyuma ya n
-J:	Imbere y'inyajwi
→:	Ihinduka/bibyara
→Ø/:	Iburizwamo

IMBONERAHAMWE Y'IBIRIMO

UMWANDISI (Copyright)	i
GUSHIMIRA	ii
ABAYOBOYE IKI GIKORWA CYO KWANDIKA	iii
IMPINE N'IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE	iv
Imbonerahamwe y'ibirimo	v
INTANGIRIRO	1

IMBUMBE 1: GUKORESHA UBUVANGANZO GAKONDO

Ikigwa 1.1: Umwandiko: Baciye urwa mbehe.	12
Ikigwa 1.2: Utwatuzo	23
Ikigwa 1.3: Ihinamwandiko	30
Ikigwa 1.4: Ikoreshwa ry'ubuvanganzo gakondo mu gutarama Kinyarwanda. .	35

IMBUMBE 2: AMAZINA BWITE, AMAZINA RUSANGE N'AMASANO Y'ABANTU

Ikigwa 2.1. Umwandiko : Imibanire y'abagize umuryango	51
Ikigwa 2.2. Izina bwite n'izina rusange	56
Ikigwa 2.3. Isanisha ry'amazina n'amategeko agenga isanisha mu bisekuru....	59

IMBUMBE YA 3: AMATEGEKO Y'IGENAMAJWI MU IZINA MBONERA

Ikigwa 3.1. Umwandiko: Uburenganzira bw'umwana	74
Ikigwa 3.2. Izina mbonera	80
Ikigwa 3.3. Intego y'izina mbonera	83

IMBUMBE 4: INTEGO YA NTERA N'AMATEGEKO Y'IGENAMAJWI

Ikigwa 4.1. Umwandiko: Akamaro k'imbuta	99
Ikigwa 4.2: Ntera	104
Ikigwa 4.3: Uturemajambo twa ntera n'amategeko y'igenamajwi	107

IMBUMBE 5: GUKORESHA IMYANDIKIRE IKWIYE Y'IKINYARWANDA

Ikigwa 5.1. Umwandiko: Ese gukora imibonano mpuzabitsina bivura indwara y'ibishishi?	123
--	-----

Ikigwa 5.2: Amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda hagendewe ku moko y'amagambo.....	128
Ikigwa 5.3: Ikata n'itakara ry'inyajwi mu myandikire y'Ikinyarwanda ikwiye.	136
Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe	144

INTANGIRIRO

Iyi mbumbanyigisho “Ikinyarwanda Kiboneye”, igenewe abatozwa bo mu mashuri ya Tekiniki, Imyuga n’Ubumenyi ngiro bagengwa na RTB, biga mu kicio cya gatatu, amashami yose.

Mu rwego rwo kubategura gukoresha Ikinyarwanda kiboneye aho bari hose, Ikigo k’Igihugu Gishinzwe Imyuga n’Ubumenyi ngiro (RTB), cyabateguriye iki gitabo kizafasha kugera kuri iyi ntego. Ibi bigendanye n’ibyifuzo by’igihugu, cyane cyane mu byerekeranye no gushimangira ubunyarwanda. Iyi mbumbanyigisho kandi irategura umutozwa kuzarangiza azi gukoresha Ikinyarwanda kiboneye mu gusobanura neza ibyo ashoboye gukora, bikazamufasha guhatana ku isoko ry’umurimo.

Iyi mbumbanyigisho izafasha umutozwa muri byinshi. Twavugaga: Gushungura ibitekerezo yumvise cyangwa yasomye uko bikwiye agaragaza ko yasobanukiwe n’ubutumwa. Kuvuga adategwa mu gutanga ibitekerezo bigaragaza uko yumva ibintu kandi atanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruzwa ibitekerezo by’abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye. Kizamufasha kandi gusoma adategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiye ku biriho cyangwa ibihimbano. Kizanafasha Kumva insanganyamatsiko z’ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye, abavugwaga mu nkuru n’uturango tw’ururimi rwakoreshejwe anitoza gutekereza mu buryo bwimbitse. Si ibyo gusa, kuko azashobora gusesengura no gutandukanya ingeri zinyuranye z’ubuvanganzo gakondo, guhanga imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe akurikiranya neza ibitekerezo, gukoresha amagambo n’imvugo biboneye yubahiriza amategeko y’imyandikire, imyubakire y’interuro, imiterere n’isura by’umwandiko. Kwandika ibitekerezo bye ku buryo bufututse no guhitamo ibyo avugaga n’uburyo abivugamo bitewe n’icyo agamije n’abo abwira na byo tuzabisanga muri iyi mbumbanyigisho, aho duzasangamo uburyo bwo gusesengura imiterere y’ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw’amagambo mu interuro, gusoma no kwandika uko bikwiye amagambo n’interuro by’Ikinyarwanda hubahirizwa imyandikire n’imivugire yemewe ndetse n’utwatuzo. Umutozwa kandi azamenyeramo gusobanura no gukoresha amategeko y’ikibonezamvugo yize mu kubaka interuro n’imyandiko itandukanye.

Iyi mbumbanyigisho y'Ikinyarwanda igabanyijemo imbumbe eshanu; muri zo dusangamo insanganyamatsiko zivuga ku gukoresha neza ubuvanganzo gakondo, uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, uburenganzira bw'umwana, uburyo bwo kwirinda no kurwanya indwara binyuze mu mbuto ndetse no kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina. Izo nsanganyamatsiko zifasha umutozwa kugira ubukesha ku ngingo zinyuranye.

Nk'insanganyamatsiko ivuga ku gukoresha neza ubuvanganzo gakondo imufasha kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda, gusesengura ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo bwo muri rubanda no kumenya gukoresha neza ubuvanganzo gakondo; tudasize inyuma n'igitaramo nyarwanda, ibisakuzo, ibisigo, insigamigani, urwenya, uturingushyo, amagorane ndetse n'umusogongerero ku buvanganzo nyabami, ubusizi, ibyivugo, ubucurabwenge, amazina y'inka n'ibindi.

Nk'uburinganire n'ubwuzuzanye, bizafasha gusobanukirwa, kumenya no kuzuza inshingano z'abagize umuryango no kunoza imibanire y'abawugize, kwakira neza abakugana, kwifuriza mugenzi wawe ibyiza, kwimakaza imibanire myiza n'ubworoherane, kubahana no gufatanya. Mu nsanganyamatsiko yo kubahiriza uburenganzira bw'umwana, tuzamenyeramo uko umwana agomba guhabwa uburenganzira kandi na we ubwe akamenya ubwo burenganzira ahabwa n'amategeko, akarindwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishobora kumukorerwa.

Ku nsanganyamatsiko ivuga ku kamaro k'imbutu mu kurinda no kurwanya indwara, umutozwa azamenyeramo ku buryo burambuye akamaro k'imbutu muri rusange mu kwirinda no kurwanya indwara nk'uburyo bwo guca ya mvugo yari imenyerewe mu muco nyarwanda ko imbutu ari iz'abana, bityo abantu basobanukirwe ko ibyiza dusanga mu mbuto buri muntu mu kigero k'imyaka yaba arimo cyose yazikenera. Byongeye kandi, buri wese yanazikoresha no mu rwego rwo kwihaza mu biribwa.

Si ibyo gusa, tunasangamo insanganyamatsiko ivuga ku buryo bwo kwirinda SIDA n'ikwirakwira ryayo. Kuri iyi ngingo, umutozwa azamenya byinshi ku nkomo ya bimwe mu bibazo yajyaga yibaza ku bigendanye n'ubuzima bw'imyororokere mu rubyiruko ndetse no ku myumvire itari yo bari babifiteho.

Usibye ubukesha umutozwa azakomora muri ziriya nsanganyamatsiko, harimo no gusesengura imyandiko ikubiyemo izamufasha kwiga ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda, amenyeremo uburyo bwo gusesengura uturemajambo no gukoresha izina mbonera, izina rusange ndetse na ntera.

Izafasha umutozwa kandi kuba intyozza mu kuvuga ashize amanga binyuze mu buvanganzo nko mu bitaramo nyarwanda, mu buvanganzo bw'abana, mu nsigamigani ndetse no mu guhina cyangwa guhanga imyandiko inyuranye. Harimo kandi imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Muri iyi mbumbanyigisho hakubiyemo imyitozo ifasha kumenya uburyo bwo gusesengura iyo myandiko no kwiungura andi magambo, guhanga imyandiko inyuranye no kuvugira mu ruhame. Iyo myitozo ikubiyemo, iteguye ku buryo iha umutozwa uruhare runini mu myigire ye imutoza kongera ubushobozi bwo gutekereza cyane agashobora gusobanukirwa n'ibimukikije no gusabana n'abandi mu Kinyarwanda, kugirana n'abandi ubufatanye n'imibanire ikwiye n'ibindi. Harimo kandi imyitozo y'ubumenyi ngiro izamufasha gutekereza ku byo ashobora guhura na byo mu buzima bwa buri munsu. Izamufasha guhora yiyungura ubumenyi no kugira ubushobozi bwo kujora no gushakashaka ibisubizo by'ibibazo ndetse no mu guhanga udushya.

Iyi myitozo iganisha umutozwa ku gukora ubushakashatsi buhoraho asoma ibitabo bitandukanye byamufasha, gusura imbuga nkoranyambaga, abaza inararibonye baba baturanye kugira ngo zimuhe ibitekerezo ku nsanganyamatsiko zamufasha kwikorera we ubwe iyo myitozo. Ibi bizanamutera kwisunga bagenzi be mu kujya impaka mu rwego rwo kungurana ibitekerezo. Ku mpera ya buri mbumbe, umutozwa yateguriwe isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize, rimufasha kwisuzuma niba ibyo yigishijwe yashoboye kubyumva uko bikwiye.

Muri make, iyi mbumbanyigisho izafasha umutozwa gukura akuza ubunyarwanda nyabwo kuko imukungahaza ku muco n'ururimi by'abakurambere, ikamwinjiza mu bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha Umunyarwanda nyawe akeneye mu gihugu imbere no mu rwego rwo gusabana no gutara ubundi bugeni mu bihugu by'ibituranyi. Izamufasha kandi kumenya ubukungu bw'umuco nyarwanda binyuze mu buvanganzo ndetse no gusesengura imiterere y'ururimi rwe kavukire rw'Ikinyarwanda bityo bigatuma arushaho kurukunda no kurukundisha abandi. Twizeye tudashidikanya ko iyi mbumbanyigisho izatuma umutozwa ashobora gukoresha neza Ikinyarwanda kiboneye aho ari hose.

Umbumbanyigisho:

Imbumbe ya mbere: Gukoresha ubuvanganzo gakondo

Imbumbe ya kabiri: Amazina bwite, amazina rusange n'amasano y'abantu.

Imbumbe ya gatatu: Amategeko y'igenamajwi mu izina mbonera.

Imbumbe ya kane: Intego ya ntera n'amategeko y'igenamajwi.

Imbumbe ya gatanu: Gukoresha imyandikire ikwiye y'Ikinyarwanda.

IMBUMBE 1: GUKORESHA UBUVANGANZO GAKONDO



Ingingo z'ingenzi:

Ikigwa 1.1: Umwandiko: Baciye urwa mbehe.

Ikigwa 1.2: Utwatuzo

Ikigwa 1.3: Ihinamwandiko

Ikigwa 1.4: Ikoreshwa ry'ubuvanganzo gakondo mu gutarama Kinyarwanda.

Inshamake y'imbumbe ya mbere:

Iyi mbumbe ya mbere iratwerekako uko indangagaciro z'umuco nyarwanda zikwiye kuturanga aho turi hose nk'uko tubibona mu nsigamigani "Baciye urwa Mbehe". Hagaragaramo indangagaciro y'ubunyarwanda, ubupfura n'urukundo. Iyo Mbehe ataza kubona abamusabira imbabazi aba yaratanzwe.

Muri iyi mbumbe kandi, hagaragaramo ubuvanganzo gakondo, aho dusesengura insigamigani, tukanarebera hamwe inshoza y'ubuvanganzo muri rusange ndetse n'izindi ngeri z'ubuvanganzo gakondo. Ubu buvanganzo burimo ibice bibiri: ubuvanganzo bwo muri rubanda ndetse n'ubuvanganzo nyabami.

Mu buvanganzo bwo muri rubanda twavugaga nk'imigani migufi, indirimbo, ibisakuzo, imigani miremire n'ibindi; mu buvanganzo nyabami tugasangamo ibisigo, ibyivugo, ubwiru, ubucurabwenge, amazina y'inka, indirimbo z'ingabo ndetse n'ibitekerezo by'ingabo.

Si ibyo gusa kuko tunasangamo ubuvanganzo bw'abana ndetse n'igitaramo nyarwanda, aho byatoyaga Abanyarwanda indangagaciro z'ubutwari, gukunda igihugu, ubunyarwanda, urukundo, ishyamba n'izindi.

Mu kibonezamvugo, turasangamo utwatuzo. Turabonamo inshoza y'utwatuzo, amoko y'utwatuzo n'imikoreshereze yatwo, aho iri somo rifasha kumenya gusoma umwandiko neza ushyiramo isesekaza aho biri ngombwa.

Turasangamo kandi inshoza y'ihinamwandiko, amoko y'imyandiko ndetse n'amategeko agenga ihinamwandiko. Dusangamo kandi imyitoto nshimangirabumenyi, umukoro wunganiwe ndetse n'umukoro ngiro, bifasha kugaragaza niba umutozwa yumvise neza ibyo yize.

 Gusuzuma ubushobozi umutozwa afite ku nyigisho igiye kwigwa mu mbumbe ya 1

1. Itegereze ishusho. Urabonaho iki? Ibyo ubonaho biraganisha ku ki? Utekereza ko muri iyi mbumbe twigamo iki?

2. Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Nta buryo buri bwo cyangwa ubutari bwo bwo gusubiza iki kibazo; ahubwo ni ibigufasha wowe ubwawe muri iyi nyigisho. Tekereza wowe ubwawe niba ibi ushoboye kubikora n'ikigero ubishoboyeho. Soma ibibanza mu kazu ko hejuru hanyuma ushyire akamenyetso aho ubona hajyanye n'ikigero cy'uko byumva.

Inararibonye ryange	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshereze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringaniye.	Nziho byinshi.	Ndiyizeye ku mikoreshereze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya					
Gushishikarira no gushishikariza abandi kwita ku bitaramo nyarwanda.					
Gusoma umwandiko neza hubahirizwa utwatuzo n'isesekaza.					
Kubahiriza amategeko agenga ihinamwandiko.					
Gukora ihinamwandiko no gusobanurira abandi uko rikorwa.					

Gushyikirana n'urungano nkoresha ubuvanganzo bw'abana.					
Gukoresha neza ubuvanganzo gakondo binyuze mu bitaramo nyarwanda					
Gutandukanya ingeri z'ubuvanganzo gakondo.					

↺ Ubushobozi fatizo:

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukesha
1. Kumenya ubuvanganzo gakondo n'uburyo bwo gushyikirana n'abandi mu bitaramo nyarwanda.	1. Kugaragaza ubuvanganzo gakondo n'uburyo bwo gushyikirana n'abandi mu bitaramo nyarwanda.	▪ Kureba kure
2. Kumenya utwatuzo dukoreshe mu gusoma umwandiko wahawe.	2. Gushobora kugaragaza utwatuzo twakoreshejwe neza mu mwandiko wahawe.	▪ Gushishoza
3. Kumenya gukora ihinamwandiko neza hubahirizwa ubwoko bw'umwandiko n'amategeko y'ihinamwandiko.	3. Gushobora kugaragaza ihinamwandiko rikoze neza ukurikije ubwoko bwaryo n'amategeko y'ihinamwandiko.	▪ Kwihangana
4. Kumenya ubuvanganzo gakondo n'uburyo bwo gushyikirana n'abandi mu bitaramo nyarwanda.	4. Kugaragaza uburyo wakoreshe ubuvanganzo gakondo mu gushyikirana n'abandi mu gitaramo nyarwanda.	▪ Kubaha

↺ Ivumburamatsiko

Itegereza amashusho maze wungurane ibitekerezo na mugenzi we mwicaranye ku byo mubonaho, ibyigwa mutekereza ko imbumbe iri bwibandeho mugendeye ku mashusho. Nyuma yo kungurana ibitekerezo, musubize ibibazo bikurikira bibafasha gutahura ibigiye kwigwa muri iyi mbumbe (umutoza azajya ababaza mumusubize mugendeye ku mabwiriza y'umutoza).

Ibibazo:

1. Kuri iyi shusho urabonaho iki?
2. Ese mu rugo iwanyu mujya mutarama?
3. Iyo mwataramye mukora iki?
4. Ku mashuri se mujya mwiga gusakuza, guca imigani, amahamba, amakinamico n'ibindi nk'ibi?
5. Ubu buvanganzo se muzi kubukoresha mu buzima bwa buri muni?
6. Ushingiye kuri ibi biganire tugiranye, uratekereza iyi mbumbe turi bwigemo iki?

Ikigwa 1.1: Umwandiko: Baciye urwa mbehe.

Uyu mugani bawuca bakurikije urubanza babonye ko ruciwe nabi ni bwo bavuga ngo “Baciye urwa Mbehe”! Wakomotse kuri Mbehe wo ku Ijwi muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, ahagana mu mwaka wa 1900.

Mbehe yari Umushi agatura ku Ijwi, ku ngoma ya Rwabugiri. Rimwe rero Abanyarwanda batera Ijwi ritegekwa na Kabego ka Mwendo. Baterayo inshuro ebyiri abaca mu myanya y’intoki, ku ya gatatu arafatwa baramwica. Abanyejwi barimo Nkundiye ya Kabego barayoboka. Rwabugiri abonye ko bamuyobotse Nkundiye akazana amaturo, aramurokora, amurekera uruhande rw’icyo gihugu cya se, urundi arugabira Nyiragisasirintore nyina wa Murinzi w’ingangurarugo, ari we bitaga “Incyahababisha ya Rwuhirandekwe”.

Nuko Nkundiye atona kuri Rwabugiri cyane; yari afite umutware witwa Mbehe akamutwarira igice k’Ijwi yasigaranye; ni we wazanaga amakoro kwa Rwabugiri, bituma amenyekana ibwami. Umunsi umwe Rwabugiri araza inkera y’imihigo. Ingabo Nkundiye yatwariraga Rwabugiri zitwaga “Inkeramihigo” zirahiga, na Nkundiye arahiga avuga ko na we ari umugabo. Muri icyo gitaramo hakabamo umwega witwa Giharamagara cya Rwakagara. Yumvise imihigo ya Nkundiye aramubwira ati: “Wabaye umugabo wahakanywe n’ibishahu bya so”? Nkundiye biramurakaza abyuka asubira iwabo ku Ijwi ijoro ryose; arongora n’ingabo ze. Ni yo nkomoko y’umugani ugicibwa n’ubu, ngo “incyuro mbi yashubije Nkundiye iwabo”!

Nkundiye rero amaze kugera iwabo agandisha Ijwi ariyimika. Abatasi bohereza umwe muri bo kubibwira Rwabugiri. Umutasi amena ishyamba yahuranya i Nduga yose n’u Bwanacyambwe asanga Rwabugiri i Rwamagana; asanga ibwami bari mu mihango yo gukura Gicurasi. Rwabugiri amubonye aramumenya amubariza kure ati: “Ko wuhanya aho ku nkiko ni amahoro”? Undi ati: “Nta mahoro Nkundiye yimye Ijwi”! Rwabugiri akaba afite inkoni mu ntoki ayesa hasi icikamo kabiri; arahaguruka aboneza irembo ryose atabaye; atabara nta nama, nta mana, nta mugaba, nta kugisha (kuraguza by’ibwami).

Ni yo mpamvu abasizi bamwise Katabyagira; kuko aticaraga hamwe, cyangwa ngo agende agishije inama abo bari kumwe. Ubwo rubanda rumuhombokaho. Nkundiye amenye ko

Rwabugiri amuteye ashyira ingabo ku cyambu yimiriza Abanyarwanda ngo babure uko bambuka.

Wa mugabo Mbehe w’umutware wa Nkundiye, we agira ubwoba; yigira inama yo kwambuka ngo asanganire Rwabugiri amuyoboke. Arambuka aramusanganira, yerekana inzira bambukiramo. Abanyarwanda batoranya abantu b’intwari mu mitwe yose; babagira magana abiri. Barambuka, bageze hakurya barema urugamba. Abanyejwi barabasanganira bararwana. Abanyarwanda basigaye hakuno baboneraho inkunga yo kwambuka, Ijwi barariyogoza; ariko Nkundiye ntiyaboneka. Yaje gupfa ku gitero cya kabiri. Bamaze kuhavogera bafata abantu, Rwabugiri ateguka Mbehe gucira urubanza ukwiye gupfa n’ukwiye gukira. Babateranyiriza hamwe bati: “Ngaho Mbehe tangira”!

Uwo akubise amaso wese agasanga ari umuvandimwe we. Mbehe arashoberwa aragingimiranya. Ubwo yaribwiraga ati, “Kubicisha ni bibi; kubireka kandi na bwo ni ukwikorera ishyano”! Igihe akigingimiranya bati: “Cy’o Mbehe ca urubanza”! Akareba umwe ati: “Uyu akwiye gupfa cyangwa gukizwa”. Uwo bamweretse wese akavugaga atyo. Abahungu babibonye batyo barabiseka, ariko babisekana impuhwe; bamuhakirwa kuri Rwabugiri bati: “Nyagasani buriya yabuze uko agira kandi n’undi wese ni ko yagira: ntawabona abavandimwe be bapfa”! Rwabugiri aragororoka abarokora bose. Kuva ubwo rero, icyo gikorwa cya Mbehe cyamamara mu Rwanda gihinduka icyo ry’umugani; noneho babona urubanza ruciye nabi (bifitse), ndetse wenda rimwe na rimwe abacamanza babuze uko babikika, bati baciye urwa Mbehe!” Guca urwa Mbehe (urubanza): gukirakiranya imberabyombi.

*Byafatiwe kuri **Murihano Benedigito, Ibirari by’insigamigani***



Ikigwa 1.1. umwitozo 1.



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Subiza ibibazo bikurikira ku mwandiko “baciye urwa Mbehe”:

- 1 Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko ?
- 2 Kubera iki Mbehe yamenyekanye kwa Rwabugiri?
- 3 “Wabaye umugabo wahakanywe n’ibishahu bya so”? Bishatse kuvuga iki?
- 4 Ni irihe zina rivugwa mu mwandiko abasizi bitaga Rwabugiri? Barimwitaga kubera iki?

Ingingo z’ingenzi zo kwitabwaho 1.1

- **Inshoza y’ubuvanganzo gakondo**

Ubuuvanganzo ni ijambo ry’inyunge rigizwe n’amagambo abiri ari yo: **Kuva** Bivuga **guturuka** cyangwa **gukomoka** ndetse n’**inganzo**, **bivuga** aho **ababumbyi bakura ibumba**. Iryo jambo ariko ntirifite aho rihuriye n’ububumbyi busanzwe buzwi. Ashwi da! Rirerekaze ku **“kurema wifashishije ijambo”**. Mu ndimi mvamahanga baryita **Literature**. Ubuuvanganzo gakondo (nyarwanda) bugabanywamo ibice bibiri: ubuvanganzo gakondo (nyemvugo) n’ubuvanganzo nyandiko.

- ✓ **Ubuuvanganzo gakondo (nyemvugo):**

Ubu ni bwo buvugangano bukuru mu Rwanda ndetse no ku isi muri rusange. Bukaba rero ari ubuvugangano bukoze mu mvugo gusa aho rubanda bahererekanya ibyo bahanze

batanditse. Iki ni cyo gihimba kinini cyaranze ubuvanganzo bw'iwacu n'ubwo aho inyandiko yadukiye bagerageje kwandika ibyakorwaga hagamijwe kubibika ku buryo burambye. Ibyo ariko byarabukenesheje kuko ntibyari kwemera ko babona ibyakozwe byose uko byakabaye. Ibyinshi rero byahererekanywaga mu buvanganzo bw'iwacu. Mu buvanganzo nyemvugo twavugamo: Ibisigo, amazina y'inka, ubwiru, ibyivugo insigamigani, ibisakuzo, imigani miremire n'imigufi.

✓ **Ubuvinganizo Nyandiko:**

Ubu ni ubuvanganzo bwadutse nyuma y'aho abazungu baziye bazanye n'inyandiko. Uretse kwandika ibyari byarakozwe mu gihe cy'ubuvanganzo nyemvugo rero, ubuvanganzo nyandiko bwakungahishije ubuvanganzo bwacu binyuze mu kubwandika. Mu buvanganzo nyandiko dusangamo inkuru ndende, inkuru ngufi, inkuru ishushanyije n'ikinamico. Ibindi byose tubona byanditse ni ibyo twabonye mu buvanganzo nyemvugo byanditswe. Muri iyi mbumbe turibanda ku buvanganzo gakondo ari bwo nyemvugo.

• **Ingeri z'ubuvanganzo gakondo (nyemvugo)**

Ni ibyahimbwe n'abantu ba kera bamwe bazwi abandi batazwi neza; bahimbaga batandika, bakabifata mu mutwe. Ibyo bahimbaga babishyikirizaga ab'igihe cyabo bikabizihira mu bitaramo, bakagenda babiraga abo basize uko ibihe bigenda bisimbura. Mu Kinyarwanda, ubuvanganzo bugira uruhare rukomeye mu kubungabunga umuco w'Abanyarwanda. Umuco ni bwo ucishamo inyigisho zubaka iterambere rirambye, amahoro n'imibanire mu miryango, cyane ko ibidashyigirye ku muco bitaramba. Mu buvanganzo nyemvugo dusangamo ibice bibiri by'ingenzi: **Ubuvinganizo nyemvugo nyabami n'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.**

✓ **Ubuvinganizo nyemvugo nyabami**

Bwari bukubiyemo ibintu byinshi byari byerekeranye n'ibwami, abami, ingoma ya cyami n'ibindi bijyanye na yo. Mu buvanganzo nyemvugo nyabami twavugamo: ibisigo (nyabami), ubwiru, amazina y'inka, ubucurabwenge, ibitekerezo by'ingabo, ibyivugo by'ingabo, indirimbo z'ingabo.

Urugero rw'ubuvanganzo gakondo nyabami: IBISIGO (NYABAMI)

Ibisigo nyabami byatangiye ku ngoma ya Ruganzu Ndoli; ni bwo byatangiye kwitwaga bityo. Mbere hari ibyitwaga **ibinyeto** (ijambo riva ku nshinga kunyeta bivuga gusingiza cyangwa kurata). Mu binyeto Kagame avugaga ko umusizi yahangaga agasingiza kagufi k'imirongo nk'icumi cyangwa makumyabiri, kakaba ari ak'umwami umwumwe. Nyuma, ku ngoma ya Ruganzu II Ndoli, ni bwo **Nyirarumaga** yize uburyo bwo guhuriza mu gisigo kimwe abami benshi cyangwa se akavugaga umwami umwe mu gisigo kirekire.

Mu kubitangira yahuriye bya binyeto mu gisigo kimwe yise **“Umunsi ameza imiryango yose”**.

Mbere abahanzi b'ibinyeto bitwaga **“abenge”**. Bityo guhera ubwo wa mwengekazi w'umusingakazi atangiye ubwo buryo bushya, bitwaga **abasizi**. Abandi benge bahise bamukurikiza maze kuva icyo gihe bahabwaga agaciro ibwami kandi ibwami akaba ari na bo babagenga. Abasizi bashyize hamwe, bakagira gahunda y'uko bazajya batura umwami ibisigo banarema umutwe uyoborwa n' **“intebe y'abasizi”**. Abasizi nta kindi basabwaga gukora uretse guhimba.

Amoko Y'ibisigo Nyabami

Ibisigo nyabami birimo amoko atatu: ibisigo by'ikoby, ibisigo by'ibyanzu n'ibisigo by'impakanizi.

○ **Ibisigo by'ikoby /ikungu**

Ni ibisigo bigiye umujy, umwe, bikagira interuro (intangiriro) n'umusayuko. Ntibigira ibika bitandukanye ahubwo byo bigiye umujy, umwe. Aho bihuriye n'ibindi ni uko bigira indezi (amagambo asingiza umwami). Birahurutuye, nta n'ubwo ari birebire. Aha twatanga urugero rw'igisigo **“None imana itumije abeshi”**, cya **MUTSINZI**.

○ **Ibisigo by'ibyanzu**

Ni ibisigo birebire ariko bitari birebire cyane ubigereranyije n'ibisigo by'impakanizi. Bigira inyikirizo igenda igaruka yitwaga icyanzu, ari na yo yitiriwe ubu bwoko bw'ibisigo. Mu byanzu, iyo bavugaga amateka y'abami ntibabakurikiranyaga uko bagiye bima ingoma

n’uko ibikorwa byabo byagiye bikurikirana nk’uko bikorwa mu bisigo by’impakanizi. Aha twatanga urugero rw’igisigo **“Naje kubara inkuru”**, cya **SEKARAMA ka MPUMBA**.

○ **Ibisigo by’impakanizi**

Ni ibisigo birebire cyane bigira inyikirizo igenda igaruka yitwa impakanizi, ari na yo yitiriwe iki gisigo. Usanga umusizi agenda avuga amateka y’abamin’ibikorwa byabo abakurikiranya uko bagiye bima ingoma, agaheruka uwo atura igisigo. Aha twatanga urugero rw’igisigo cy’**Ukwibyara gutera ababyeyi ineza**”, cya **NYAKAYONGA ka MUSARE**.

Impakanizi yagiraga ibice bitatu by’ingenzi:

- **Interuro**, umusizi avugamo muri rusange ibyo agiye gukomoza ho ku bami bose no kugaragaza ko aje kurabukira umwami.
- **Igihimba**, kigizwe n’ibika bivuga abami, bigenda bitandukanywa n’inyikirizo yitwa impakanizi.
- **Umusayuko**, umusizi asingizamo umwami agitura uri ku ngoma ndetse akaba yaboneraho no kwisabira umuriro.

Ikitonderwa:

- ① Uretse ubwo bwoko butatu tumaze kubona hari n’ibisigo by’ubuse bamwe bita “ibyivugo by’ubuse”. Muri byo umusizi yashoboraga gutera umwami cyangwa abandi ubuse, abavugaho ibintu bisa n’ibisebanya kandi bisekeje. Uwo bavugaga ntiyagombaga kurakara, iyo yarakaraga bakamwita igifura. Bene ibyo bisigo by’ubuse ni byo Kagame yiganye mu guhimba “Indyoheshabirayi” kuko na yo itera ubuse umwami Rudahigwa n’abatware, ku bijyanye n’ubusambo bagize ku itungo ry’ingurube.
- ① Mu kuvuga umwami n’ibyo yakoze, abasizi birindaga kugaragaza amakosa ye. Musare yahagaritswe ku ngoma na Kigeri Ndabarasa kubera ko ngo yari yaserereje umwami. Ngurusi na we yavuze amakosa y’umwami ku ngoma ya Kigeri Rwabugiri ariko nta cyo bamutwaye. Hari aho yari yagize ati: “Mbwire umwami urugo ruzatwika urwe, awucirira hakiri kare”, mu gisigo kitwa “Urugo rugwiye imbaga”. Rwabugiri ni ko kumubwira ati “noneho si ugusiga urasebanya”. Ruhinda rwa Kinyakura ngo na we hari aho yavuze ibyerekeranye

n’ubwiru ku ngoma ya Yuhi Mazimpaka, bamushyira ku ngoyi. Ni mu gisigo kitwa “Ndi umupfumu w’inka”. Yaje gusaba imbabazi mu gisigo yise “Ndi umuyoboke w’abami”.

✓ **Ubuvinganzu nyemvugo bwo muri rubanda.**

Ubu buvinganzu bwariho ibyiciro byose by’Abanyarwanda, baba abana cyangwa abantu bakuru. Bwarimo ibice bibiri:

 Ubuvinganzu nyemvugo bwo muri rubanda

Bwari bukubiyemo ibintu byinshi byari byarasakaye muri rubanda. Ikibutandukanya cyane na nyemvugo nyabami ni uko bwo butari buhishe cyangwa ngo habe hari itsinda ry’abantu runaka bugenewe nk’ibisigo, ubwiru, ubucurabwenge n’ibindi. Mu ngeri z’ubuvinganzu nyemvugo bwo muri rubanda twavugamo: imigani miremire, ibitekerezo, imigani migufi (imigenurano), insigamigani, ibitutsi, ibisakuzo, ibihozo, amavumvu, amasare, amahigi, amagorane, ibitongerero (mu kuragura, guterekera, gutukura umwana, kwambika imana zeze, guhura, kugangahura, guhanura, kugombora, kuroga,...), indirimbo z’imandwa, uturingushyo, indirimbo z’inanga, ibihamagaro, amajuri, amahamba, indahiro, ibyidogo by’isuka n’ibindi. Ubu buvinganzu bwashoboraga guhurirwaho n’abana ndetse n’abantu bakuru ariko ntibibuze ko abana bashobora kugira umwihariko ku buvinganzu bwitwa “ubuvinganzu bw’abana”.

 Ubuvinganzu bw’abana

○ **Inshoza y’ubuvinganzu bw’abana:**

Ubuvinganzu bw’abana bwari ari ibihangano byabaga bihimbanywe ubuhanga, bikurikije umuco bigenewe kandi bigamiye gushimisha abana. Mu buvinganzu bw’abana dusangamo: utuvugo, utwivugo tw’amahomvu, uduhozo, uturirimbo, uturingushyo tw’abasizi, amagorane, ibisakuzo n’ibindi.

Ingero z’ubuvinganzu bw’abana:

- **Ubukene:**

Ese umpoye iki ruhu rwange?

Ko amambere twajyanye i Nyabitare,

Watanyuka nkaguteza ikiremo,
Gusaba uwo munganya ububabare,
Ni ugusiga irembo ugaca mu cyanzu,
Inzoga ya ngeso yanga ababo,
Aho kuyivumba nzayiva hambavu !

- **Cyumbati, Cyumbati, Cyumbati !**

Cyumbati k'ikivunde

Bokereza umusaza

Umusore agasukuma

Umukecuru akayabamba.

Kimpe nkirire Cyo kabura ubugingo

Kimpe kitakwica

Cyo kabura amagara!

Uturango tw'uturingushyo

Uturingushyo turangwa n'utuvugo tugufiye abasizi bahimbiraga gushyenga, ariko ukuri bafite ku mutima bakakuvugira muri ayo mashyamba. Dutoza abana gufata mu mutwe no kumenya kuvuga badategwa.

○ icyo ubuvanganzo bw'abana bwari bugamije:

- Gusurutsa abana no gutuma basabana hagati yabo
- Gufasha abana gufata mu mutwe no kwimenyereza kuvugira mu ruhamye
- Kurinda abana ubuzerereze ndetse bakabasha no kwisanzura mu muryango bashyikirana n'ababyeyi babo ndetse n'abandi bana b'urungano.
- Gutoza abana zimwe mu ndangagaciro z'umuco w'u Rwanda ndetse no kubigisha amateka atandukanye.
- Guha abana urubuga rwo kwisanzura no kubatoza umuco wo guhanga ibihangano bitandukanye biri ku rwego rwabo.

Urugero rw'ubuvanganzo gakondo bwo muri rubanda:

- Insigamigani

❖ Inshoza y'insigamigani:

Insigamigani ni imwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda, zikaba zaragaragariraga cyane mu mivugire, mu migendere, mu myumvire, mu mikorere no mu mibereho y'ubuzima bw'Abanyarwanda bwa buri munsu. Insigamigani ni ahantu cyangwa se abantu babaye abagenuzi b'imigani ubwabo cyangwa se inkomoko yayo. Kimwe n'ibindi rubanda bagenuriyeho bakabigira icyo ry'imigani, nk'inyamanswa, inyoni, imyururu n'ibindi. Aha ni ho haza izina **"ibirari by'insigamigani"**. Bikaba bishakira kuvuza, inkora y'aho ikintu cyanyuze kigana aha n'aha, bikaba kandi bivugira amayira abakomotseho amagambo yabaye umugani banyuzemo igihe iki n'iki, ku buryo ubu n'ubu, byagenze bita na bita.

❖ Ingeri z'insigamigani

Insigamigani zigabanyijemo ibice bibiri:

❑ Hariho insigamigani nyirizina:

Ni iz'abantu bazwi neza amavuye n'amajy, ku buryo rubanda bemeye kwigana imigirire yabo no mu mvugo isanzwe igakoreshwa, bigahinduka inyigisho y'ihame.

Dufatiye urugero kuri **Mbehe** abura uko acira abavandimwe be urubanza akuruka nabi agira ati: "Uyu akwiye gupfa cyangwa gukizwa", maze babona umuntu uciye urubanza mu mafuti bakavugaga ngo "yaciye urwa mbehe".

Nka **Nyiramataza muka Rukari** ati: "Ngiye kwa Ngara".

Kuri **Bajeyi ba Sharangabo** bati: "Yarezwe Bajeyi".

Rugaju rwa Mutimbo ati: "Nguye mu Matsa"!

Mbehe, Ngara na Bajeyi babaye imvane y'imigani, na ho Nyiramataza na Rugaju rwa Mutimbo babaye abagenuzi b'imigani.

❑ **Hakabaho n’insigamigani nyitiriro:**

Ni izo ibindi rubanda bagenuriyeho bikaba iciro ry’imigani, mbese nk’impayisi mu nyamaswa iti:” Harya ko kuvuga ari ugutaruka, nk’iriya Musheru ipfana iki na Mutamu”? Nk’inyombya mu nyoni yahagaze mu itongo rya Rugaju iti: “Mbateye akari aha”! Nk’igikeri mu myururu, bati: “Gikeri utahe n’intashya”, kiti: “Mfana iki n’ibiguruka”? Burya ibyo byose uko ari bitatu, babitwerereye amagambo y’abantu bahishiriye kubera umwanya bafite mu gihugu cyangwa se mu muryango wubashywe, si byo ubwabyo byivugiye ayo magambo.

Itandukaniro hagati y’umugani muremure n’insigamugani

Umugani uvuga ibintu bitabayeho ugamije kwigisha ukoresha amakabyankuru. Mu mugani batangira bavuga ngo kera habayeho, bagasoza bavuga ngo si nge wahera. Mu gihe insigamugani yo itangira ivuga igihe runaka kizwi, abavugwa akaba ari abantu bazwi cyangwa se imyitwarire batsindira ibindi biremwa ariko bashaka kuvuga ibibaho mu mibanire, ndetse n’imvugo yakomotseho iyo nsigamigani ikaza kuba gikwira.



Igikorwa cy'umwitozo wunganiwe



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe by'inyunguramagambo, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Tanga ibisobanuro by'aya magambo cyangwa itsinda ry'aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko:

- a) Gutona:
- b) Amakoro:
- c) amena ishyamba:
- d) imihango yo gukura gicurasi
- e) Kuhanya:



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakoze imbere y'abandi batozwa. Uwakenere ubufasha wese yambwira kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

1. Tanga ibisobanuro by'imvugo zikurikira, unazikoreshe mu nteruro ziboneye:
 - Guca mu myanya y'intoki.
 - Gutabara nta nama, nta mana, nta mugaba.
 - Guca urubanza nabi.
2. Bwira abatozwa bagenzi bawe imwe mu ngeri y'ubuvanganzo bw'abana waba warafashe mu mutwe cyangwa uhimbe iyawe.
3. Ubuvanganzo gakondo burimo amoko yahe y'ingenzi? Sobanura igisubizo cyawe.

Ikigwa 1.2: Utwatuzo



Ikigwa 1.2: Umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Itegereze ibimenyetso byakoreshejwe muri izi nteruro maze usubize ibibazo bikurikira:

1. Ese wiga mu mwaka wa kangahe?
2. Mu rugo iwacu dutunze amatungo akurikira: inka, ihene, inkwavu n'intama.
3. Mbega umwana!
4. Mu Kuramukanya mu gitondo bagira bati "mwaramutse?"
5. Kongo (Congo) ni igihugu kiri mu Burengerazuba bw'u Rwanda.

Ibibazo:

- 1) Ibi bimenyetso by'ibara ritsindagiye byitwa ngo iki?
- 2) Bifite akahe kamaro muri izi nteruro?
- 3) Ubusanzwe, akamaro kabyo ni akahe mu nteruro?

Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho 1.2

- Inshoza y'utwatuzo

Utwatuzo ni utumenyetso tutari inyuguti dukoresheya mu nteruro kugira ngo uyivuga aruhuke cyangwa yerekane uburyo ivugwa. Tugamije guha abantu ubushobozi bwo gusobanukirwa imikoresherereze y'interuro. Ni utu dukurikira: akitso, akabago, akabago

n'akitso, akabazo, agatangaro, utwugarizo n'utwuguruzo, uturegeka, utubago tubiri, udukubo, akanyerezo n'udusodeko

- **Amoko y'utwatuzo n'aho dukoreshe**

Utwatuzo turimo ibice bibiri by'ingenzi ari byo utwatuzo dukoreshe hagati mu nteruro n'utwatuzo dusoza interuro.

- ✓ **Utwatuzo dusoza interuro:** Ni dutatu ari two akabago, akabazo n'agatangaro.



Akabago (.)

Akabago ni akatuzo gasoza interuro ihamya yemeza cyangwa ihakana. Hari abakita *akadomo*.

Ingero z'imikoresheze y'akitso n'akabago

Muhire yakoze i Kigali, i Save n'i Karongi.

Nkunda kwiga icyongereza, imibare, ubugenge n'Ikinyarwanda.



Akabazo (?)

Akabazo ni akatuzo gasoza interuro ibaza.

Ingero z'imikoresheze y'akabazo

Ese waba uzi ibiranga umunyeshuri mwiza ?

- Ni ugira ingeso nziza se?
- Ni utsinda mu masomo ye yose?
- Ni uwubaha abantu bose se?
- Ese uzajya kwiga mu mashuri makuru ryari?
- Ufite imyaka ingahe?



Agatangaro (!)

Agatangaro ni akatuzo gasoza interuro itangara, kagashyirwa n'inyuma y'amarangamutima.

Ingero z'imikoreshereze y'agatangaro

- Mbega amahirwe!
- Yooo! Mbega ibyago!
- Ayi wee!

✓ **Utwatuzo dukoresheha hagati mu nteruro**

 **Akitso (,)**

Akitso ni akatuzo baruhukiraho ariko batamanuye ijwi. Gakoresheha mu nteruro kugira ngo bahumeke gato.

Urugero: Mbehe yari Umushi, agatura ku Ijwi.

 **Akabago n'akitso (;)**

Inshoza y'akabago n'akitso

Akabago n'akitso ni akatuzo bashyira mu nteruro hagamijwe gutandukanya ingingo ebyiri ziteye kimwe kandi zuzuzanya.

Ingero z'imikoreshereze y'akabago n'akitso

- Ubukwe buzaba ejo; maze ejobundi dutwikurure.
- Utazi ubwenge; ashima ubwe.

 **Utwuguruzo («) n'utwugarizo (»), ("")**

Inshoza y'utwuguruzo n'utwugarizo

Utwuguruzo n'utwugarizo ni utwatuzo dukikiza amagambo y'undi asubirwamo. Dukikiza kandi amazina nteruro cyangwa imvugo idasanzwe.

Ingero z'imikoreshereze y'utwuguruzo n'utwugarizo

- Mu Kinyarwanda mu gitondo bagira bati “mwaramutse?”
- Umwe ashobora kumubwira ati “ni meza”.
- Mwarimu yatubwiye ati : “Umunyeshuri nkunda ni uwutsinda.”



Uturegeka (...)

Inshoza y'uturegeka :

Uturegeka ni utwatuzo dukoresheya iyo berekana interuro barogoye, irondora ritarangiye, cyangwa mu nteruro hari ijamba bacikije.

Ingero z'imikoreshereze y'uturegeka :

- Mu ishuri dukenera ibikoresho byinshi pe! Hari amakayi, amakaramu, intebe...
- Umwarimu na we kandi ni ko afite ibindi akeneye n'amacaki, ibitabo byinshi, n'ama... Ibi kandi byiyongera ku bikoresho umuntu aba akenera no mu buzima busanzwe nk'amasabune yo koga no kumesa, umuti w'amenyo, umuti w'inkweto.... Muri make ibikoresho umunyeshuri cyangwa umwarimu akenera nta wabasha kubirondora.



Utubago tubiri (:)

Utubago tubiri ni utwatuzo dukoresheya mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwa cyangwa gusobanurwa.

Urugero:

Mu rugo tworoye amatungo akurikira: inka, ihene, intama, inkwavu n'inkoko.



Udukubo ()

Udukubo ni utwatuzo dukoresheya mu nteruro iyo bashaka kwerekana uko basoma amagambo y'amavamahanga, ku magambo y'ibihugu cyangwa uturere by'amahanga amenyerewe kwandikwa uko avugwa mu Kinyarwanda bashaka kwerekana uko yandikwa mu ndimi akomokamo. Dukoresheya kandi ku magambo afite icyo asobanura cyangwa

yuzuza mu nteruro.

Ingero z'imikoreshereze y' utubago tubiri n'udukubo

- Wakuyeyo iki?
- Nakuyeyo ibintu byinshi: mudasobwa (imashini kabuhariwe mu kubara).
- Kongo (Congo) ni igihugu kiri mu Burengerazuba bw'u Rwanda.



Akanyerezo (-)

Inshoza y'Akanyerezo

Akanyerezo ni akatuzo gakoreshwa:

- Mu kiganiro kugira ngo berekane ihanahana ry'umwanya wo gufata ijambo.

Ingero:

- Tega amatwi wumve.
- Ngewe mfite ubushobozi budasanzwe
- Numve iki?
- Wumve ukuntu tugomba kwihesha agaciro.
- Iyo hakorwa itonde ry'ibintu ni ukuvuga barondora ibintu bamanuka:

Ingero : Amasomo twiga ni aya :

- Imibare
- Indimi
- Ubugenge n'ayandi
- Iyo bakata ijambo ritarangiriye mu mpera y'icyandikwaho.

Urugero: Ejo muzazane ibikoresho byose mwa banye-

shuri mwe!



Udusodeko []

Inshoza y'udusodeko

Udusodeko ni utwatuzo dukikiza interuro cyangwa igisobanuro cyongewe mu mvugo isubira mu magambo y'undi.

Ingero z'imikoreshereze y'udusodeko:

- Turashaka uburezi buduhesha agaciro [aha Minisitiri w'Uburezi yatsindagiraga ireme ry'uburezi].
- Jya uryama usinzire neza uryamye kuri matora nyayo [aho yavugaga matora ya Rwanda Fomu].



Igikorwa cy'umwitozo wunganiwe




Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe ku twatuzo, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

1) Koresha akabazo, agatangaro, akitso cyangwa akabago mu nteruro zikurikira:

- Abanyeshuri bakunda kwiga imibare icyongereza n'Ikinyarwanda
- Umurwa mukuru w'u Rwanda ni uwuhe
- Mbega umwana mwiza
- Kuvuga gusoma kwandika no kumva bidufasha kwiga indimi.

2) Tanga ingero eshanu z'utwatuzo dukoreshehwa hagati mu nteruro

3) Tanga ingero ebyiri z'utwatuzo dusoza interuro.



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakoze imbere y'abandi batozwa. Uwakenera ubufasha wese yambwira kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

Koresha utwatumaze dukurikira mu nteruro wihimbiye.

- a) Akabago n'akitsi :
- b) Utwuguruzo n'utwugarizo :
- c) Utubago tubiri :
- d) Udusodeko :

Ikigwa 1.3: Ihinamwandiko



Ikigwa 1.3 umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Subiza ibibazo bikurikira ukurikije ubumenyi bwawe:

1. Ese birashoboka ko umuntu yasubiramo inkuru ndende cyangwa umwandiko muremure akaba yawuvuga mu magambo make kandi ugakomeza kugumana umwimerere wawo?
2. Uwo mwandiko wa kabiri waba ukorewe iki?
3. Uratekereza byaba bimaze iki kuvuga umwandiko muremure ukawuvuga mu magambo make?
4. Vuga nibura amategeko abiri wumva washingiraho mu gukora inshamake y'uwo mwandiko.

Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho 1.3

- **Inshoza y'ihinamwandiko**

Ihinamwandiko ni ijambo ribumbye amagambo abiri: ihina riva ku nshinga "guhina" bisobanura "kugira ikintu kigufi cyangwa kuvuga ibyabaye muri make"; hari kandi n'ijambo "umwandiko" risobanura inkuru yanditse. Ihinamwandiko ni ukuvuga cyangwa kwandika muri make ibyavuzwe mu mwandiko udahinduye ibitekerezo byawutanzwemo. Ni inshamake y'umwandiko. Ni umwandiko mugufi wumvikana neza ubumbye ingingo z'ingenzi z'umwandiko wari muremure. Iyo wandika inshamake ugenda ushyira ibyungo,

ibika n'andi magambo akenewe mu ngingo z'ingenzi wabonye kugira ngo ube umwandiko w'imbumbwe, atari interuro imwe iri ukwayo indi ukwayo. Uwo mwitozo ni wo witwa "ihinamwandiko

Ukora ihinamwandiko ahera ku bibazo umuntu yagenda yibaza biganisha ku bisubizo birimo ingingo z'ingenzi zigize umwandiko. Iyo uhina umwandiko cyangwa uvuga ibyavuzwemo mu nshamake, ni ingingo z'ingenzi uvuga.

Mu gukora ihinamwandiko, ugomba kubanza kumenya amoko y'imyandiko.

- **Amoko y'imyandiko:**

Duhereye ku buryo ibitekerezo biri mu mwandiko bitondetse no ku buryo bwo gusesengura ikivugwa, imyandiko ishobora kugabanywamo amoko atanu ari yo: umwandiko mbarankuru, umwandiko mvugamateka, umwandiko nsesengurabumenyi, umwandiko mvugamiterere n'umwandiko ntekerezo.

- ✓ **Umwandiko ntekerezo**

Umwandiko ntekerezo ni umwandiko ugambiriye gutanga ibitekerezo ariko bigomba gusobanurwa, kugaragazwa n'ingeri, ndetse n'ibipimo by'imibare n'ubundi bumenyi. Uwandika bene uwo mwandiko agomba gutanga ibisobanuro bifatika kuri buri gitekerezo atanze, akerekana ko hari abandi babibonye nka we, akagaragaza n'inkomoko y'ibyo uvuga; kuko aba agambiriye ko babyemera.

Urugero:

Uramutse ufite insanganyamatsiko yo kuvuga ku ishyamba rya Gishwati, ushobora: kubara inkuru iryerekeyeho, kuvuga amateka yaryo, kuvuga imiterere yaryo urishimagiza cyangwa ugira ibyo unenga, gusesengura aho riri ku ikarita, impamvu habamo amoko y'ibiti ibi n'ibi, akamaro rifitiye u Rwanda n'isi...

Imyandiko ntekerezo rero ni yo yagiye ihindura isi kuko akenshi yibasira igitekerezo rusange, gishobora kuba kemewe na benshi kandi kimaze igihe, nyamara wenda atari cyo, cyangwa kikaba kitakijyanye n'ibihe. Bityo, iyo ibivugwa bigaragaye ko ari ko kuri, bihindura byinshi ku bantu no mu mibereho yabo. Umwandiko ntekerezo uba ugambiriye kwemeza abandi igitekerezo cyawe, no gutuma bahindura icyo bo bari bafite. Kugira ngo ubigereho

rero witwerereza ubumenyi bwose. Bityo rero muri wo murimo dushobora gusangamo agace kavuga amateka, akabara inkuru, agasesengura ibintu mu buryo bwa gihanga ariko byose bigambiriye kwerekana ukuri kw'igitekerezo ushyigikiye.

✓ **Umwandiko mbarankuru**

Umwandiko mbarankuru ni igihangano gishingiye ku kubarira abandi ibyabaye ubivuye imuzingo ukagera ku ndunduro; ariko mu buryo bworoheje butarimo isesengurabitekerezo ryimbitse, ridacukumbura insanganyamatsiko nyinshi. Ubwo buryo bushobora gukoreshwa ni imvugo y'ibiganiro hamwe n'inkuru.

✓ **Umwandiko mvugamiterere**

Ni umwandiko uvuga imiterere y'ikintu, ukaba ugambiriye gutanga ishusho yacyo. Nyiri ugukora uwo mwandiko yivugira ibintu uko abibona. Ashobora kuvuga ibyiza aho abandi babona ibibi, cyangwa akabona ko icyo abandi bita kiza kuri we ari inenge. Ntawamusaba kwisobanura ku gitekerezo ke.

✓ **Umwandiko mvugamateka**

Ni umwandiko wibanda ku gukurikiranya neza ibyabaye mu gihe cyashize, ugambiriye kubimenyesha abatarabibonye cyangwa kwibutsa ababibonye ariko batakiyibuka. Wibanda rero ku kubikurikiranya neza mu gihe, ukavuga ababigizemo uruhare, icyabiteye n'ingaruka byagize.

✓ **Umwandiko nsesengurabumenyi**

Umwandiko nsesengurabumenyi ni urubuga rwo gutuma abantu barushaho gusangira amakuru agamiye guhanga cyangwa kwimakaza ubumenyi. Ni umwandiko ugambiriye kwigisha no gutanga ubumenyi, wibanda ku mibare, ugaharanira gutanga ibisobanuro nyurabwenge uhaye ku bipimo n'ibigereranyo by'imibare. Inyandiko wakubira muri iri tsinda ni imyandiko irebana n'ubushakashatsi buba bugamijwe gutangazwa.

• **Amategeko agenga ihinamwandiko**

- ✓ Gusoma witonze, inshuro ebyiri cyangwa eshatu umwandiko ugomba

guhina.

- ✓ Gusoma igika ku kindi, ugaragaza ingingo z'ingenzi zigize buri gika;
- ✓ Kwita ku gihe umwandiko wahimbiwemo (impitagihe, inzagihe, indagihe).
- ✓ Uhina akoresha amagambo n'imvugo bye, ariko ntagomba guhindura ibitekerezo biri mu mwandiko ahina ngo yivugire ibye.
- ✓ Iyo nta burebure bwagenwe, inshamake igomba kungana na kimwe cya kane cy'uburebure bw'umwandiko.
- ✓

Iyo ari ngombwa gukora inshamake yanditse:

- Nta magambo ahinnye, nka cg, amaf.
- Bigomba gushyirwa mu nshamake kugira ngo ubone uko wandika ibintu byinshi.
- Nta kwandika mu mibare.
- Irinde gushyira numero cyangwa utunyereze ku bika bigize inshamake kuko icyo gihe zaba ari ingingo z'ingenzi uri kurondora.



Igikorwa cy' umwitozo wunganiwe




Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe ku ihinamwandiko, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Subiza “YEGO” cyangwa “OYA” ku nteruro zikurikira:

- I. Ihinamwandiko si ijamba ribumbye amagambo abiri.
- II. Ihina riva ku nshinga "guhina" isobanura "kugira ikintu kigufi cyangwa kuvuga ibyabaye muri make"
- III. Hari kandi n'ijamba "umwandiko" risobanura inkuru yanditse.
- IV. Ihinamwandiko ni ukuvuga cyangwa kwandika muri make ibyavuzwe mu mwandiko udahinduye ibitekerezo byawutanzwemo.

- V. Ukora ihinamwandiko ahera ku bibazo umuntu yagenda yibaza biganisha ku bisubizo bitarimo ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.
- VI. Iyo uhina umwandiko cyangwa uvuga ibyavuzwemo mu nshamake, si ingingo z'ingenzi uvuga.



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakoze imbere y'abandi batozwa. Uwakenera ubufasha wese yambwira kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

Kora ihinamwandiko ry'umwandiko “Baciye urwa Mbehe” utarengeje imirongo 15.

Ikigwa 1.4: Ikoreshwa ry'ubuvanganzo gakondo mu gutarama Kinyarwanda.



Ikigwa 1.4 umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Subiza ibibazo bikurikira ukurikije ubumenyi bwite cyangwa ubunararibonye bwawe:

1. Igitaramo nyarwanda wumva ari iki?
2. Igitaramo nyarwanda ni he cyashoboraga kubera?
3. Igitaramo nyarwanda gifite akahe kamaro?
4. Wumva cyari kigamije kwigisha ba nde mbere na mbere?

Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho 1.4

- **Inshoza y'igitaramo nyarwanda**

Igitaramo nyarwanda ni igihe cyiza cyo kwigisha urubyiruko cyane cyane ingimbi. Ni nk'isomo rwose ry'Ikinyarwanda. Dutandukanya igitaramo gisanzwe cyo mu muryango n'igitaramo gihambaye kijyanye n'urubanza runaka. Ibi byiciro bibiri by'ibitaramo bikaba bihurira mu kwigaragazaho kuba intyozza mu gukeneka Ikinyarwanda nk'ururimi n'umuco.

- **Amoko y'ibitaramo nyarwanda**

Abenegihugu bari bafite urubuga bivugiramo ibigwi byabo n'imihigo; bagaragaza ibyo bagiye gukora bijyanye n'imihigo bihaye cyangwa besa imihigo. Habaga no gutarama bishima kubera impamvu zinyuranye bitewe n'intego y'icyo gitaramo.

Impamvu yo gutarama zarimo: umuganura, kumurika imihigo ku bavuye ku rugamba no guhabwa amashimwe, gususurutsa igitaramo cyangwa kurata abayobozi cyangwa urungano baca imigani migufi n'imiremire, kwiga gutera impundu, ibisakuzo, kubahana, kwitoza kuvuga neza mu bwitonzi no mu kinyabupfura umurika ibyo wakoze imbere y'abandi.

Ibikorwa byo mu gitaramo: ibyivugo, ibisigo, imbyino, indirimbo, imisango, amazina y'inka, ibisakuzo, bakagororera indongozi kandi bakagaya ibigwari.

✓ **Ibitaramo nyarwanda byarimo amoko akurikira:**



Igitaramo cy'Umuryango



Igitaramo cy'Uburere mboneragihugu



Igitaramo Nyizihizangoma

 Igitaramo cy'Umuganura

 Igitaramo cy'Ibigwi n'Imihigo

Igitaramo cy'umuryango cyabaga kigamiye iki?

- Kumenya amateka y' umuryango ukomokamo
- Amateka y'umuryango (ibisekuru), imiziro, isano yayo n'indi miryango, aho bashatse, abase, n'aho bashyingiye.
- Ishema ryawo, intwari zawo, indangagaciro zabo bakomeraho kurusha izindi...
- Gutozwa urukundo no gufashanya.
- Gushimira abafitiye akamaro umuryango no kugaya ba nyamwigendaho mu muryango.
- Ibihangano bitandukanye bibisobanura bakanabikundisha abantu: indirimbo, ibyivugo, ibisakuzo, imikino (Igisoro), ibisigo n'ibyvugo by'abagize umuryango.

Igitaramo cy'uburere mboneragihugu cyo cyari kigamiye:

- Kumenya u Rwanda no kurukunda.
- Amateka y'igihugu, amoko y'Abanyarwanda, indangagaciro na kirazira z'Abanyarwanda.
- Imiti ya kinyarwanda, imbuto z'u Rwanda (Amasaka,), iyobokamana n'imitsindo by' u Rwanda
- Inshuti z'igihugu n'abanzi bacyo, ibitero bikomeye byabayeho, uko babyitwayemo n'intwari zagaragayemo
- Ishema ry'u Rwanda, intwari zarwo n'ibigwi byazo,
- Amateka y'ingoma n'uko zasimburanye mu Rwanda, amateka n'ibigwi bya buri ngoma.
- Ibihangano bitandukanye bibisobanura; indirimbo, ibisigo ibyvugo...

Igitaramo cy'umuganura:

- Cyabaga kigamiye gutoza gukunda umurimo, kuzirikana abakuru batanze inama, gusangira no kuremera abatarahiriwe n'ibihe.

- Wari umwanya mwiza wo gushimira umwami, umutware cyangwa umuryango watanze imbuto
- Ubukungu, uburumbuke by'umuryango
- Buri muryango wamurikaga ibyo wejeje, amashyo mashya, abo wagabiye, abawugabiye, inshuti nshya bungutse.
- Abatarejeje n'abakeneye kuremerwa
- Imbuto nshya umuryango wungutse.

Igitaramo Nyizihizangoma:

- Cyabaga kigamiye gusesengura umwihariko w'ingoma iriho.
- kumenya ibyo ingoma iriho yabagejeje, umwihariko wayo, ibigwi byayo, abatware bariho n'aho batwara
- Ibigwi by'ingoma n'iby'imitwe y'ingabo zayo.
- Ibihangano bitandukanye bibisobanura; indirimbo, ibisigo ibyivugo, imigani, ...

Igitaramo k'ibigwi n'imihigo: Imihigo njarugamba n'ibigwi mvarugamba.

- Igitaramo k'imihigo uhiga icyo uzamara ku rugamba ujyanyeho n'abandi, icyo uzarusha abandi ku itabaro n'icyo uzamarira abo mujyanye.
- Batabarutse ku rugamba aho buri wese avuga icyo yarumazeho (ibigwi bye) hakaba n'umuvuzi w'amacumu uvuga uko urugamba rwagenze n'ibigwi by'ababaye ingenzi ku rugamba.
- Indirimbo yo gutereka inkera no kugororera indashyikirwa: **Ijoro rirakunzeeee, Ryibarutse intwari...**

Indirimbo: Ijoro rirakunze

Inyikirizo: Ijoro rirakunzeeee,

Ryibarutse Intwarii

Y'Intwazabafozii,

Yitwa Umudatsindwa

Ntabwo atsimburwa ku rugamba,

Ni Ingabo igenda imbere y'izindi,
Ni Rumenesha.

Ifite umutoza ubereye u Rwanda
Ahorana umurava
Mu bikorwa byose ahora imbere
Mu gushaka ibisubizo
By'u Rwanda n'Abanyarwanda
Ni Rudasumbwa.



Igikorwa cy'umwitozo wunganiwe



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe ku gitaramo nyarwanda mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Subiza “YEGO” cyangwa “OYA”

- Igitaramo cy'Umuryango, wari umwanya mwiza wo kurata ibikorwa by'umwami.
- Igitaramo cy'Uburere mboneragihugu, wari umwanya mwiza wo kumenya amateka y'umuryango.
- Igitaramo Nyizihizangoma cyabaga kigamije gushishikariza Abanyarwanda gukunda umurimo.
- Igitaramo cy'Umuganura cyabaga kigamije gukundisha Abanyarwanda umurimo
- Igitaramo k'Ibigwi n'Imihigo cyabaga kigamije gukundisha Abanyarwanda umurimo unozze.



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakoze imbere y'abandi batozwa. Uwakenere ubufasha wese yambwira kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

Mu matsinda y'abanyeheshuri (bitewe n'umubare ukenewe), bakora igitaramo kuri kimwe mu bitaramo nyarwanda hubahirizwa ibyarangaga igitaramo nyarwanda.



Isuzuma rinoza imyigire n’imyigishirize risoza imbumbwe ya mbere.

Umwandiko: Bimwe mu biranga umuco nyarwanda

Umuco nyarwanda ugizwe n’urusobe rw’ibintu byinshi. Twavuga nk’ururimi ari na rwo ngobyi yawo, imigenzo n’imihango, imitekerereze n’imyemerere tutibagiwe n’imibereho y’Abanyarwanda ya buri muni. Mu bigize ururimi, ubuvanganzo bwo muri rubanda ni bwo bisanzuriramo ku buryo busesuye, mu ngeri zabwo zinyuranye nk’imigani migufi, imigani miremire, ibisakuzo, insigamigani, indirimbo, imbyino, ibihozo, ibitekerezo byo muri rubanda n’ahandi.

Mu mihango inyuranye, usanga bazobereye mu gukesha imvugo nko mu misango y’ubukwe aho usanga basa n’abacyocyorana; nk’umusaza usabwa umugeni akihorera ati: “Umukobwa wacu yagiye mu kibikira”, ubundi ati: “Mu bo mwazanye harimo uwaduhemukiye” n’ibindi. Usaba icyo atari inararibonye akahasebera kuhikura bikagomba abunganizi. Usaba icyo ari umuhanga hari ubwo agira ati: “Biri mahire n’ubundi n’umusore wacu akubutse mu gifurere”, akungamo ati: “Ubwo rero ‘ibisa birasabirana’, n’ubundi naje nzi ko ari ukwisanga.”

Iyo bajya kwemera bazana agakobwa k’inshuke bati: “Umugeni wadusabye ni uyu”. Undi na we akaba yagira ati: “Nshimye ko muri ba maboko atanga ataziganya”, agashima ko ari uje gutinyisha. Hari n’ubwo bazana agakecuru kashizemo amenyo, bati: “Ni uyu”. Barakomeza bakagoragoza ariko amaherezo bakemera. Gusa akagira ati: “Umwana wacu ni Mutumwinka cyangwa Mukobwajana n’ayandi mazina menshi agusha ku nka. Abashyitsi bese bari aho amashyi ngo: “kacikaci”!

Inka yagiraga uruhare mu gukwa no mu buzima bw’Abanyarwanda igahabwa agaciro kurusha andi matungo. Umuco wo guhana abageni wajyanaga no guhana inka. Umuntu yahaga undi inka bakaba inshuti zikomeye ndetse uwagabiwe akajya yirahira shebuja. Uwavugaga ku nka rero ntiyabura kwibutsa ko Abanyarwanda ari intyocha mu gukoresha ikeshamvugo ku nka n’amata yayo tutibagiwe n’ibikoresho bikoreshwa nk’igisabo, icyansi

n'ibindi. Mu kuvuga ibyerekeye ku nka agakoresha imvugo ya gihanga ikoresha amagambo arobanuye atari aya rubanda rwa giseseka.

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Vuga ibintu nibura bine mu bigize umuco nyarwanda bivugwa mu mwandiko.
2. Sobanura ukuntu ururimi ari ingobyi y'umuco.
3. Vuga igice cy'ururimi Abanyarwanda bisanzuriramo cyane cyavuzwe mu mwandiko usobanure n'impamvu.
4. Tanga urugero rwo gucyocyorana mu zavuzwe mu mwandiko.
5. Rondora ingero enye z'ubuvanganzo bwo muri rubanda zavuzwe mu mwandiko wongereho n'izindi waba uzi.
6. Erekanza amazina ari mu mwandiko aganisha ku nka utange n'andi waba uzi mu muco nyarwanda.

II. Inyunguramagambo

1. Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) Urusobe:
- b) Inararibonye:
- c) Ukwisanga:
- d) Ataziganya:
- e) Mukobwajana:

2. Shaka impuzanyito z'aya magambo:

- a) Akubutse:
- b) Gukeshya:
- c) Abunganizi:

3. Shaka imbusane z'aya magambo:

- a) Umusore:

b) Migufi:

c) Umuhanga:

III. UBUVANGANZO N' IKIBONEZAMVUGO

1. Subiza ibibazo bikurikira:

a) Vuga amoko abiri y'insigamigani unayasobanure.

b) Tanga inshoza y'ubuvanganzo

c) Tange ingeri eshanu z'ubuvanganzo gakondo.

2. Subiza "YEGO" cyangwa "OYA"


a) Ubuvanganzo gakondo bwarebanaga gusa n'ibigendanye n'ubwami.

b) Ubuvanganzo gakondo bwatangiye gukoreshwa mu Rwanda nyuma y'aho Abazungu bagereye mu Rwanda.

c) Mu guhina umwandiko nta cyo bitwaye ushobora gukoresha impine z'amagambo.

IV. IHINAMWANDIKO

Mukore inshamake y'umwandiko **"bimwe mu biranga umuco nyarwanda"**, mushingiye ku ngingo z'ingenzi zagaragajwe.



Iby'ingenzi ngomba kwibuka mu mbumbe ya mbere:

Muri iyi mbume ya mbere, nsigaranye ko indangagaciro z'umuco nyarwanda zikwiye kuturanga aho turi hose nk'uko twabibonye mu nsigamigani "Baciye urwa Mbehe".

Ubuvanganzo rero, mfashe ko ari ijambo ry'inyunge rigizwe n'amagambo abiri ari yo:

Kuva bivuga **guturuka** cyangwa **gukomoka** ndetse n'inganzo, **bivuga** aho **ababumbyi bakura ibumba**, bityo igisobanuro k'ijambo ubuvanganzo kikererekeza ku **"kurema wifashishije ijambo"**.

Ubuvanganzo gakondo bugabanyijemo ibice bibiri by'ingenzi: ubuvanganzo bwo muri rubanda n'ubuvanganzo nyabami. Nsigaranye rero ko ubuvanganzo bwo muri rubanda ari bwo bugize igice kinini cy'ubuvanganzo kuko ari bwo Abanyarwanda bose bisanzuriragamo cyane kandi bwari bugize igice buri wese yisangamo kidafite abantu runaka gusa cyahariwe; ahubwo bwabaga buziranyweho mu gihugu hose. Muri bwo dusangamo nk'ibisakuzo, insigamigani, imigani migufi n'imiremire n'ibindi.

Ubuvanganzo nyabami bwo, bwari buhariwe ab'ibwami. Twavuga nk'ibisigo byasingizaga umwami n'umuryango we, ibyivugo byarataga ubutwari bw'ingabo ku rugamba, amazina y'inka yarataha inka z'inyambo, n'ibindi.

Mu kibonezamvugo, nsigaranye ko utwatuzo turimo amoko abiri y'ingenzi; utwatuzo dukoresheha hagati mu nteruro ndetse n'utwatuzo dusoza interuro.

Muri iki gice kandi nshoboye kumenya uko ihinamwandiko rikorwa ndetse n'amoko atandukanye y'imyandiko hashingiwe ku buryo ibitekerezo biri mu mwandiko bitondetse ndetse no ku kivugwa.

1. Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Nk'uko byavuzwe ku ntangiriro y'iyi mbumbe, nta buryo buri bwo cyangwa ubutari bwo bwo gusubiza iki kibazo; ahubwo ni ibigufasha wowe ubwawe muri iyi nyigisho. Tekereza wowe ubwawe niba nyuma yo kwiga iyi mbumbe irangiye, ibi noneho washoboye kubikora n'ikigero ubishoboyeho. Soma ibibanza mu kazu ko hejuru hanyuma ushyire akamenyetso aho ubona hajyanye n'ikigero cy'uko ubyumva.

2. Uzuza iyi mbonerahamwe kandi wibuke kwereka umutoza ibyo wujemo.

Iyakozwe neza	Ibikeneye kongerwamo imbaraga	Ibikorwa byakwifashishwa mu kongera imbaraga aho bikenewe
1.	1.	1.
2.	2.	2.
3.	3.	3.
4.	4.	4.

IMBUMBE 2: AMAZINA BWITE, AMAZINA RUSANGE N'AMASANO Y'ABANTU.



Inshamake y'imbumbe ya kabiri:

Umwandiko w'iyi mbumbe ya kabiri "Imibanire y'abagize umuryango", uratwerekako akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, aho gushyira hamwe kw'abawugize biwufasha gutera imbere kandi ukabana mu mahoro n'ubwumvikane. Muri uyu mwandiko kandi turasangamo ko iyo abagize umuryango bagiye inama kuri gahunda zireba urugo, buri wese mu bawugize yiyumva muri ibyo bikorwa akabifata nk'inshingano ze ari ntawugombye kubimushyiramo ku ngufu.

Mu gice k'ikibonezamvugo, turasangamo amazina bwite n'amazina rusange, hanarebwa itandukaniro ryayo hashingiwe ku turango twayo. Hagaragaramo kandi isanisha ry'amazina ryakoreshejwe hubahirizwa amategako agenga isanisha mu bisekuru.

Nk'uko twabibonye mu mbumbe ya mbere, dusangamo imyitozo itandukanye, imikoro yunganiwe ndetse n'imikoro ngiro ifasha umutozwa gukomeza gukora ubushakashatsi bumufasha kwiungura ubumenyi.

Iyi mbumbe na yo isozwa n'isuzuma risoza imbumbe rifasha kureba niba umutozwa yumvise neza ibyo yize.

 Gusuzuma ubushobozi umutozwa afite ku nyigisho igiye kwigwa mu mbumbe ya 2

1. Itegereze ishusho. Urabonaho iki? Ibyo ubonaho urabona biganisha ku ki? Utekereza ko muri iyi mbumbe twigamo iki?
2. Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Nta buryo buri bwo cyangwa ubutari bwo bwo gusubiza iki kibazo; ahubwo ni ibigufasha wowe ubwawe muri iyi nyigisho. Tekereza wowe ubwawe niba ibi ushoboye kubikora n'ikigero ubishoboyeho. Soma ibibanza mu kazu ko hejuru hanyuma ushyire akamenyetso aho ubona hajyanye n'ikigero cy'uko ubyumva.

Inararibonye ryange	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshere ze yabyo	Nziho bike	Nziho ibiringa niye	Nziho byinshi	Ndiyizeye ku mikoresher eze yabyo
Ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha					
Gushyira hamwe kw'abagize umuryango biteza imbere umuryango					
Gutoza abana gukorera hamwe mu muryango ni ukwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.					
Kujya inama kw'abagize umuryango kuri gahunda z'urugo bitoza buri wese gufata inshingano kandi abikunze.					

Gushobora gutandukanya izina bwite n'izina rusange					
Kuba watanga ingero ku mazina bwite n'amazina rusange.					
Kumenya amazina y'amasano mu Kinyarwanda.					
Gushobora gukoresha amazina y'amasano y'abantu mu Kinyarwanda.					

 Ubushobozi fatizo:

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya
1. Kumenya akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango nyarwanda.	1. Kugaragaza akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango nyarwanda.	1. Gushishoza
2. Kumenya amazina bwite n'amazina rusange mu nteruro yahawe.	2. Kugaragaza amazina bwite n'amazina rusange mu nteruro yahawe.	2. kuba umunyakuri
3. Kumenya isanisha rikoze neza mu mazina yo mu bisekuru hubahirijwe amategeko abigenga.	3. Kugaragaza isanisha rikoze neza ku mazina yo mu bisekuru hubahirijwe amategeko abigenga.	3. kwita ku bingtu bito bito

Itegereza amashusho maze wungurane ibitekerezo na mugenzi we mwicaranye ku byo mubonaho, ibyigwa mutekereza ko imbumbwe iri bwibandeho mugendeye ku mashusho. Nyuma yo kungurana ibitekerezo, musubize ibibazo bikurikira bibafasha gutahura ibigiye kwigwa muri iyi mbumbwe (umutoza azajya ababaza mumusubize mugendeye ku mabwiriza y'umutoza).

Ibibazo:

1. Iyi shusho iratwereka iki?
2. Ese iwanyu mufatanya mute imirimo yo mu rugo?
3. Ubona se hari imirimo imwe iharirwa abakobwa indi igaharirwa abahungu?
4. Ubona gufatanya imirimo yose se udashingiye ku gitsina hari icyo bimaze?
5. Ukurikije ibi bibazo ndetse n'amashusho uratekereza tugiye kwiga iki muri iyi mbumbwe?

Ikigwa 2.1. Umwandiko : Imibanire y’abagize umuryango

Hari mu gitondo cyo ku wa Mbere, aho buri wese mu muryango wacu yabadutse yitegura kujya ku murimo, nyuma y’iminsi ibiri y’ikiruhuko gisoza icyumweru. Musaza wange yarabyutse abanza gushigisha igikoma, akubura mu rugo hanyuma ajya kwiuhagira kugira ngo age ku ishuri asa neza. Imyenda y’ishuri ye nari naraye nyimutunganyirije mu gihe yari mu gikoni, afasha mama gutegura amafunguro y’umugoroba. Mama we yabyutse mu ruturuturu ajya gushaka ubwatsi inka yacu Musengo yirirwa irya. Nge nari nazindutse njya kugemura amagi kwa Kalisa, umucuruzi wakoreraga nko muri kirometero imwe uvuye iwacu, mvuyeyo njya kwisukura kugira ngo nge ku ishuri. Mu gihe ntararangiza kwambara, numva data aravugana n’umuntu hafi y’urugo.

Maze gushyiramo umwenda w’ishuri ndasohoka mbasanga hanze. Nabanje gusuhuza umushyitsi, hanyuma mbaza data uwo ari we. Yambwiye ko ari umufundi maze nkoma agatima ku mushinga ababyeyi bacu bari baratubwiyeho.

Hari hashize iminsi ibiri data aduteranyirije hamwe, hanyuma atubwira umushinga yari yatekereje wo kwagura inzu twabagamo. Twese twemeraga ko inzu twarimo yari nto, ariko tukibaza aho tuzaba igihe irimo kuvugururwa. Data yavugaga ko twasemberera ku baturanyi, natwe abana tukumva nta cyo bitwaye cyane cyane ko abaturanyi bacu twari tubanye neza, dusangira akabisi n’agahiye. Mama we yumvaga gusembera bitaba byiza, byabangamira abaturanyi kandi natwe bikadutera ipfunwe. Mama yatanze igitekerezo cyo kubanza kubaka akazu ko mu rugo, kakuzura tukakajyamo maze tukabona kuvugurura inini. Igitekerezo ke cyaremejwe.

Uwo mufundi rero yari aje gupima aho akazu ko mu rugo kazubakwa. Narasezeye njya kwiga, ngenda nibuka ko ngomba gutaha kare, ngahura na musaza wange na we avuye kwiga, tugafatanya imirimo yo mu rugo. Mama yari agiye kumara igihe ari we wita ku by’ubuhinzi n’amatungo, abana tukita ku mirimo yo mu rugo, igihe tutari ku ishuri, naho data we igihe ke yari agiye kugiharira iby’ubwubatsi.

Numvaga bishimishije uburyo twari twaragabanye imirimo, nkumva mfite ishyaka ryo kurangiza neza inshingano zange zo kwiga no gukora imirimo yo mu rugo. Nzi neza ko musaza

wange atazamvunisha kuko iwacu nta mirimo iharirwa abahungu cyangwa ngo iharirwe abakobwa.

Ibyo byose kandi tubikora ari na ko twigishwa ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere tukiri bato, bikadufasha kumenya imihindagurikire y'imibiri yacu uko tugenda twigira imbere mu myaka ndetse n'uko tubyifatamo. Iwacu twatojwe imibanire myiza mu murungu.



Ikigwa cya 2.1 Umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku kibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Inama ivugwa ko yari imaze iminsi ibaye muri uyu murungu yavugaga ku biki?
2. Umushyitsi uvugwa muri iyi nkuru ni muntu ki ?
3. Kuba muri ruriya rugo nta mirimo iharirwa abahungu cyangwa abakobwa bigaragaza iki ?
4. Sobanura uko imibanire ya bariya bavandimwe yifashe.
5. Gereranya imibanire y'abagize uriya murungu n'iy'abagize umurungu wawe.

Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho 2.1

- **Ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.**

- ✓ Mu rugo rurimo uburinganire n'ubwuzuzanye, buri wese mu bagize umurungu abaduka ajya ku murungu ugendanye n'ikigero ke.

- ✓ Ni muri urwo rwego umwana w'umuhungu yabyutse ashigisha igikoma,agakubura mu rugo hanyuma akabona kujya ku ishuri.
- ✓ Umukobwa na we yaraye ateye ipasi imyenda ya musaza we hanyuma abyuka agemura amagi ku mucuruzi wari aho hafi mbere yo kujya kwiga.
- ✓ Nyina ubabyara, na we ntiyari yicaye, kuko yabyutse mu ruturuturu ajya gushaka ubwatsi bw'inka; mu gihe se ubabyara yari ari mu gikorwa cyo kwagura inzu yo kubamo kuko iyo babagamo yari nto.
- ✓ Birashimisha kubona abagize umuryango bagabana imirimo neza hatarimo agasigane, buri wese aterwa ishema no kurangiza inshingano ze neza nta kuvunishanya kandi hatabayeho imirimo iharirwa abakobwa cyangwa abahungu.

• **Indangagaciro z'ingenzi zubakiye ku burunganire n'ubwuzuzanye.**

- ✓ Gukunda umurimo no kuwunoza
- ✓ Ubupfura
- ✓ Kwitanga
- ✓ Kwimakaza urukundo
- ✓ Kwimakaza amahoro mu muryango
- ✓ N'izindi.




Igikorwa cy'umwitozo wunganiwe



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

1. **Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
 - a) Mu ruturuturu:
 - b) Nkoma agatima:
 - c) Kwagura:
 - d) Ipfunwe:
 - e) Ishyaka:
2. **Shaka imbusane z'amagambo akurikira:**
 - a) Hanze:
 - b) Narasezeyeye:
 - c) Bishimishije:
3. **Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.**
 - a) Vuga insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko.
 - b) Erekanaga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.
 - c) Garagaza uko ubona izo ngingo zihura n'ubuzima bwa buri muni.



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakoze imbere y'abandi batozwa. Uwakenera ubufasha wese yambwira kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi wihimbiye.

- a) Mu ruturuturu:
- b) Nkoma agatima:
- c) Kwagura:
- d) Ipfunwe:
- e) Ishyaka:

Ikigwa 2.2. Izina bwite n'izina rusange



Ikigwa 2.2 Umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Erekana amazina bwite n'amazina rusange ari muri izi nteruro.

- Umuryango ugizwe n'umugabo, umugore n'abana babyaranye.
- Utazi akaraye i Fumbwe araza ifu.
- Abakobwa bajyanye na Kagoyire ku isoko bahura na Kagenzi ari kumwe na Mahoro.

Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho 2.2

- Inshoza y'izina**

Izina ni ijambo rimwe cyangwa itsinda ry'amagambo rivuga umuntu, ikintu, ahantu, cyangwa inyamanswa kugira ngo rigaragaze aho uwo muntu, icyo kintu cyangwa iyo nyamaswa itandukaniye n'izindi. Izina rigaragaza icyo interuro ishingiyeho cyaba igikorwa rikora, icyo rikorerwa cyangwa se risobanura.

Ingero:

Igikorwa gikorwa n'izina: **Umuhinzi** arabagara ibigori.

Igikorwa gisobanurwa n'izina: Umugabo akunda **umugore**

Igikorwa gikorerwa izina: **Umwana** yakubiswe na se. Mu kinyarwanda habaho amazina agizwe n'ijambo rimwe cyangwa amazina agizwe n'itsinda ry'amagambo nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe ikurikira:

Amazina	Amazina avuga umuntu	Amazina avuga ikintu	Amazina avuga inyamaswa
Amazina agizwe n'ijambo rimwe	Umuntu Umugabo Umugore Kalisa	Igiti Umuyaga Umurizo Umugezi	Inka Inkoko Urusamagwe Umubu
Amazina agizwe n'itsinda ry'amagambo	Umukangurambaga Umukoreshakoro Umuteramakofe Rwangizamirera	Indangagaciro Icyatamurima Inyongeramusaruro Ubumenyigiro	Ikirumirahabiri Indyanishamurizo Indyoheshabirayi Imparagatabyahi

Hari ubwoko bubiri bw'Amazina: Amazina bwite n'amazina rusange:

✓ **Izina bwite**

Ni izina ryihariye riranga umuntu, ahantu cyangwa ikintu rikagaragaza imitandukanire y'icyo kintu cyangwa uwo muntu, n'ibindi bisa na cyo, ni ukuvuga bihuje ubwoko.

Ikitonderwa: Amazina bwite atangizwa n'inyuguti nkuru yaba atangiye interuro cyangwa yaba ahandi hose mu nteruro.

✓ **Izina rusange**

Rigaragaza aho umuntu cyangwa ikintu gihuriye n'ibindi bihuje ubwoko

Urugero: umugabo, ikirayi, umunyeshuri.

• **Uturango tw'amazina rusange n'amazina bwite.**

Amazina bwite n'amazina rusange yose ni amazina, ariko atandukanira ku nyito yayo. Amazina rusange mu nyandiko atangirwa n'inyuguti nto, ashobora no kujya mu bwinshi, mu gihe amazina bwite avuga umuntu, ahantu cyangwa ikindi kiswe by'umwihariko, mu nyandiko agatangizwa inyuguti nkuru, kandi muri rusange ntagire ubwinshi.



Igikorwa cy'umwitozo wunganiwe



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

- a) Vuga uturango dutatu (3) tw'izina bwite.
- b) Vuga uturango tubiri (2) tw'izina rusange.



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakoze imbere y'abandi batozwa. Uwakenere ubufasha wese yambwira kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

- Tanga ingero eshanu z'amazina bwite unayakoreshe mu nteruro ngufi.
- Tanga ingero eshanu z'amazina rusange unayakoreshe mu nteruro ngufi.

Ikigwa 2.3. Isanisha ry'amazina n'amategeko agenga isanisha mu bisekuru.



Ikigwa 2.3. Umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.


Aba bantu ni bantu ki mu masano y'abantu ?

- a) Nyogosenge:
- b) Nyokorome:
- c) Nyogokuru:
- d) Bamwana:
- e) Umwisengeneza:
- f) Umwishywa:

Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho 2.3

- Isanisha ryo mu bisekuru

- ✓ Amasano y'abantu



1. Migabo ni **umugabo** wa Mukarugomwa
2. Mukarugomwa ni **umugore** wa Migabo
3. Mugabo, Ntwari na Cyuzuzo ni **abahungu** ba Migabo na Mukarugomwa
4. Kalisa ni **umukwe** wa Migabo na Mukarugomwa.
5. Umuhoza ni **umukazana** wa Rugiramahe na Nyiramucyo
6. Mugabo ni **musanzire** wa Muhire
7. Kalisa ni **muramu** wa Mugabo, Ntwari na Cyuzuzo
8. Migabo ni **bamwana** wa Rugiramahe na Sekayange
9. Gashegu ni **umwuzukuru** wa Migabo na Mukarugomwa naho Rukundo we ni umwuzukuru wa Sekayange na Barakagwira
10. Kalisa ni **se wabo** wa Rukundo naho Muhire ni se wabo wa Gashegu
11. Gashegu ni **mukuru/murumuna** wa Rukundo kwa se wabo.

- Ikeshamvugo mu isanisha ryo mu bisekuru (Ntibavuga – Bavuga)**

Hari ikibazo cy'uko amazina y'amasano y'ikinyarwanda agenda yibagirana bitewe no gushyira imbere amazina y'amavamahanga.

Dore zimwe mu ngero:

Mu Kinyarwanda ntibavuga	Bavuga
Tonto/Onkere (Tonton, Oncle)	Marume/Nyokorome/Nyirarume Data wacu/So wanyu/ Se wabo
Tante/Tantine (Tante/Tantine)	Masenge/Nyogosenge/Nyirasenge Mama wacu/Nyoko wanyu/ Nyina wabo
Mere (mère)	Mama
Dadi (daddy)	Data
Mami (mammy)	Mama
Anti (aunt)	Masenge/ Nyogosenge/Nyirasenge Mama wacu/Nyoko wanyu/Nyina wabo
Anko (Uncle)	Marume/Nyokorome/Nyirarume Data wacu/So wanyu/ Se wabo
Sisita (Sister)	Mushiki w’umuntu
Shangazi	Masenge/Nyogosenge/Nyirasenge
Muyomba	Marume/Nyokorome/Nyirarume
Bibi/Kaka	Nyogokuru/ Nyirakuru

N’ubwo mu Kinyarwanda dushobora gutira amagambo amwe n’amwe mu ndimi z’amahanga, ni byiza kubanza gushakira mu kigega cy’ururimi rwacu kuko rukungahaye ku magambo menshi dushobora gukoresha.



Igikorwa cy'umwitozo wunganiwe



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe ku masano y'abantu mu muryango, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Aba bantu mupfana iki?

- a) Umuntu uvukana na mama wawe (w'igitsina gore)
- b) Umuntu uvukana na mama wawe (w'igitsina gabo)
- c) Umugabo wa mukuru wawe (wowe uri umukobwa)
- d) Umugore wa mukuru wawe (wowe uri umukobwa)
- e) Umugore wa mukuru wawe (wowe uri umuhungu)



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakozwe imbere y'abandi batizwa. Uwakenere ubufasha wese yambwira kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

- 1) Vuga atatu mu masano y'abantu atavuzwe unayasobanure
- 2) Tanga ingero 3 mu zitavuzwe hejuru z'amazina ajya akoreshwa mu masano y'abantu mu Kinyarwanda kitaboneye hanyuma ugaragaze uko avugwa mu Kinyarwanda kiza.



Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize risoza imbumbwe ya kabiri

Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango no mu mibanire y'abantu.

Igihe cyahise ari kirekire umugore atagira ijamba mu rugo ndetse n'ahandi mu buzima busanzwe. Abantu bakabona ari uko bimeze, bakabifata batyo bikaba akarande. Uko iminsi ihita indi igataha iyo myumvire yagiye ihinduka, abantu babona ko ari ngombwa ko umugore na we ahabwa ijamba akagira uruhare mu iterambere ry'umuryango. Leta y'u Rwanda na yo yarabihagurukiye ishyiraho amategeko aha abantu bose amahirwe n'uburenganzira bingana nta vangura rishingiye ku gitsina ribayeho.

Ubu iyo witegereje iwacu mu ngo usanga umugore yarahawe ijamba. Agira uruhare mu igenamigambi ry'urugo, akajya inama n'umugabo we mu bijyanye n'imirimo y'umutungo, bagafatanyaga kurebera hamwe icyazamurira urugo rwabo. Bakungurana ibitekerezo ku bijyanye n'ubuzima bw'imyorokere, bakumvikana uko bakwiriye gufatanyaga kurera urubyaro rwabo no kuruteganyiriza ibyangombwa zuzakenera mu buzima.

Ku bijyanye n'imirimo y'urugo na ho usanga barebera hamwe uburyo urugo rwatera imbere hatabayeho kuvunishanya, ngo usanga umugore ari we uharirwa imirimo iyi n'iyi umugabo yiyicariye kandi na we yayikora; ahubwo ubu usanga bajya inama bakuzuzanya kandi ibintu bikagenda neza. Mu gihe kera wasangaga atari ko bimeze; ahubwo umugore yarafatwaga nk'umucakara mu rugo, agakora ibyo ategatswe n'umugabo nta ruhare agira mu imirimo y'urugo. Abana na bo basigaye batanzwe imirimo yose nta vangura cyangwa itonesha.

Aho ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye rihereye agaciro mu muryango, usanga abantu bagaragaye gusa n'abashyira ku munzani bakarebera hamwe uko umuryango wagira iterambere. Kuho igihe cyose hatajya habura abatsimbarara ku bitarimo ukuri, abantu babijyaho impaka bakareba uko bimeze. Si mu rugo gusa kandi, kuho iyo urebye no mu buzima muri rusange ubona ko byari bikwiye ko igitsina gore gihabwa agaciro. Urebye nko mu mashuri, kera wasangaga ababyeyi bafite imyumvire y'uko umuhungu ari we ugomba kwiga gusa naho umukobwa akaguma mu rugo akora ya mirimo yose. Ugasanga ahubwo bihuriye kumushyigira imburagihe, bakanamushyigira uwo atagize uruhare mu gukunda, bityo wa muruho ukaba uratangiye.

Ubu n’abakobwa bariga kandi bagatsinda kimwe na basaza babo. Iyo barangije amashuri kandi bakora imirimo yabo neza uko bikwiye, bagateza igihugu imbere. Ndetse akenshi usanga banakora neza kurenza basaza babo, cyane cyane ko bakorana ubwitonzi, ubushishozi n’amakenga. Erega n’ubundi abareba kure bavuze ko ujijuye umugore aba ajijuye umuryango w’abantu muri rusange. Ibi kubiyaho impaka rwose byaba ari ukwigiza nkana.

Uburinganire n’ubwuzuzanye ni ingenzi mu iterambere ry’umuryango n’igihugu muri rusange, kuko budakuraho inshingano za buri wese mu buzima; ahubwo bufasha abantu gushyigikirana no gutahiriza umugozi umwe, maze iterambere rikihuta.

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko:

1. Gereranya uko umugore yafatwaga kera n’uko bimeze ubu mu muryango nyarwanda.
2. Rondora ibyerekana ko umugore yahawe uruhare mu iterambere ry’umuryango.
3. Ni uruhe ruhare rwa Leta mu guteza imbere uburinganire n’ubwuzuzanye?
4. Ugendeye ku mwandiko wavuga iki ku nshingano z’abagize umuryango muri iki gihe?
5. Vuga ku bijyanye n’imyigire ku muhungu n’umukobwa ugereranya ibyo mu gihe cya kera icy’ubu.
6. Ngo: “Ujijuye umugore aba ajijuye umuryango w’abantu muri rusange”. Gira icyo ubivugaho mu magambo make.

II. Inyunguramagambo

1. Shaka impuzanyito z’amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko hanyuma uyakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

- a) Akarande :
- b) Umucakara :
- c) Indakoreka :
- d) Imburagihe :
- e) Amakenga :

2. Tanga imbusane z'amagambo akurikira :

- a) Itonesha :
- b) Gihabwa :
- c) Bagateza imbere :
- d) Ubwitonzi :
- e) Kure :
- f) Rikihuta :

3. Garagaza amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ahuje igisobanuro n'aya akurikira

- a) Uko ibihe biha ibindi :
- b) Bagashyira hamwe :
- c) Uherezwaho :
- d) Bikamukurikirana :

III. Ikibonezamvugo

1. Tahura amazina rusange ari muri izi nteruro.


- a) Mbere na mbere haremwe ijuru n'isi.
- b) Umugore n'umugabo bakwiriye kuzuzanya.
- c) Abakobwa n'abahungu bahabwe amahirwe angana mu bintu byose.

2. Erekena amazina bwite ari muri izi nteruro.

- a) Kanyamibwa, Kamana na Muyoboke ni abahungu b'abavandimwe bakunda mushiki wabo Murekatete.
- b) Kibeho ikunda gusurwa n'abantu benshi.
- c) Ibyanya by'innyamaswa mu Rwanda ni bitatu. Hari icy'Akagera, ik'Ibirunga n'icya Nyungwe.

3. Subiza “YEGO” cyangwa “OYA”

- a) Nyokorome ni umugabo uvukana na so.
- b) Musanzire wange ni umugabo wa mama wacu.
- c) Bamwana wange ni umwana tuvukana.
- d) Databukwe ni data umbyara ariko tumaze igihe tutabana.
- e) Mubyara wange ni umwana wa mama wacu.



Iby'ingenzi ngomba kwibuka:

- Muri iyi mbumbe ya kabiri, nsigaranye ko ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ari ingenzi cyane kuko rituma habaho ubwumvikane mu muryango, abawugize bakagabana imirimo yo mu rugo nta gusiigana bityo umuryango ukagera ku iterambere ryihuse ndetse n'iry'igihugu muri rusange.
- Mu gice k'ikibonzamvugo, izina ari ijambo rimwe cyangwa itsinda ry'amagambo rihabwa umuntu, ikintu, ahantu, cyangwa inyamanswa kugira ngo rigaragaze aho uwo muntu, icyo kintu cyangwa iyo nyamanswa itandukaniye n'izindi.
- Amazina bwite n'amazina rusange yose ni amazina, ariko atandukanira ku nyito yayo. Amazina rusange mu nyandiko atangirwa n'inyuguti nto, ashobora no kuja mu bwinshi, mu gihe amazina bwite avuga umuntu, ahantu cyangwa ikindi kiswe by'umwihariko, mu nyandiko agatangizwa inyuguti nkuru, kandi muri rusange ntagire ubwinshi.
- Muri iyi mbumbe kandi, mfashe ko amasano y'abantu mu muryango yubahiriza amategeko agenga isanisha, agakoresha imvugo ikwiye hirindwa imvugo ishyoma, nko gukoresha amagambo nka tante, uncle n'ayandi mu gihe uvuga Ikinyarwanda.

1. Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Nk'uko byavuzwe ku ntangiriro y'iyi mbumbe, nta buryo buri bwo cyangwa ubutari bwo bwo gusubiza iki kibazo; ahubwo ni ibigufasha wowe ubwawe muri iyi nyigisho. Tekereza wowe ubwawe niba nyuma yo kwiga iyi mbumbe irangiye ibi noneho washoboye kubikora n'ikigero ubishoboyeho. Soma ibibanza mu kazu ko hejuru hanyuma ushyire akamenyetso aho ubona hajyanye n'ikigero cy'uko ubyumva.

2. Uzuza iyi mbonerahamwe kandi wibuke kwereka umutoza ibyo wujemo.

Ibyakozwe neza	Ibikeneye kongerwamo Imbaraga	Ibikorwa byakwifashishwa mu kongera imbaraga aho bikenewe
1.	1.	1.
2.	2.	2.
3.	3.	3.
4.	4.	4.

IMBUMBE YA 3: AMATEGEKO Y'IGENAMAJWI MU IZINA MBONERA.



Inshamake y'imbumbe:

Muri iyi mbumbe ya gatatu “amategeko y’igenamajwi mu izina mbonera”, mu gice cy’umwandiko hagaragaramo uburenganzira bw’umwana mu muryango, aho ari ntawemerewe kubumuvutsa no kumuhutaza. Ibi bimurinda ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishobora kumukorerwa kandi agahabwa umwanya wo kugira uruhare mu kugena ejo hazaza ku gihugu ke nk’uko umwana ari umutware.

Mu gice k’ikibonezamvugo, dusangamo izina mbonera, inshoza y’izina mbonera n’amoko y’izina mbonera. Ibi biherekezwa no kureba intego yaryo. Izina mbonera rero rigira uturemajambo dutatu: indomo (D), indanganteko (RT) n’igicumbi (C). Turasangamo kandi n’amategeko y’igenamajwi yubahirijwe arebana n’inyajwi.

Nk’uko twabibonye mu mbumbe zabanje, iyi mbumbe igiye igira imyitozo ifasha umutozwa gukarishya ubwenge ndetse n’isuzuma risoza imbumbe, hagamijwe kureba niba yumvise neza ibyo yize.

 Gusuzuma ubushobozi umutozwa afite ku nyigisho igiye kwigwa mu mbumbe ya 3

Itegereze ishusho. Urabonaho iki? Ibyo ubonaho urabona biganisha ku ki? Utekereza ko muri iyi mbumbe twigamo iki?

Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Nta buryo buri bwo cyangwa ubutari bwo bwo gusubiza iki kibazo; ahubwo ni ibigufasha wowe ubwawe muri iyi nyigisho. Tekereza wowe ubwawe niba ibi ushoboye kubikora n'ikigero ubishoboyeho. Soma ibibanza mu kazu ko hejuru hanyuma ushyire akamenyetso aho ubona hajyanye n'ikigero cy'uko ubyumva.

Inararibonye ryange	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoreshere ze yabyo	Nziho bike	Nziho ibiringaniye	Nziho byinshi	Ndiyizeye ku mikoreshere ze yabyo
Ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya					
Kumenya igisobanuro k'ijambo "uburenganzira bw'umwana".					
Kwita ku burenganzira bw'umwana mu muryango.					
Kumenya ko umwana ari umuntu utarageze ku myaka 18 y'amavuko.					
Gushishikariza abandi kumenya ko nta mwana ugomba kwirukanirwa amafaranga y'ishuri.					

Kumenya gutandukanya amoko y'izina mbonera.					
Gushobora gusobanurira abandi intego y'izina mbonera.					
Gusobanurira abandi amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu izina mbonera.					

 Ubushobozi fatizo:

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya
1. Kumenya uburenganzira bw'umwana mu muryango.	1. Kugaragaza uburenganzira bw'umwana mu muryango.	▪ Kubaha
2. Kumenya izina mbonera mu nteruro.	2. Kugaragaza izina mbonera mu nteruro.	▪ Gushishoza
3. Kumenya intego y'izina mbonera n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.	3. Kugaragaza intego y'izina mbonera n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.	▪ Kwita ku bintu bito bito

Itegereza amashusho maze wungurane ibitekerezo na mugenzi we mwicaranye ku byo mubonaho, ibyigwa mutekereza ko imbumbe iri bwibandeho mugendeye ku mashusho. Nyuma yo kungurana ibitekerezo, musubize ibibazo bikurikira bibafasha gutahura ibigiye kwigwa muri iyi mbumbe (umutoza azajya ababaza mumusubize mugendeye ku mabwiriza y'umutoza).

Ibibazo:

1. Iyi shusho iratwereka iki?
2. Ese aho mutuye mubona abana bose bajya ku ishuri?
3. Hari abana se mujya mubona cyangwa mwumva bakorerwa ihohoterwa?
4. Niba bene abo bana bahari se baba bazi uburenganzira bwabo?
5. Mukurikije ibi bibazo mbabajije murumva tugiye kwiga iki?

Ikigwa 3.1. Umwandiko: Uburenganzira bw’umwana

Duturanye n’umugabo Muyoboke uburanira abandi mu nkiko. Abantu bavuga ko yize akaminuza mu by’amategeko. Ku ishuri, umwarimu yaduhaye umukoro wo gushaka ingero n’ibisobanuro by’uburenganzira bw’umwana. Nkigera mu rugo, nahise njya gusobanura Muyoboke ibijyanye n’uburenganzira bw’umwana kuko ari wo mukoro umwarimu yaduhaye.

Muyoboke yampaye igihe ke rwose maze ambwira uburenganzira abana dufite kandi tugomba guharanira. Yabanje kumbaza ati: « Iyo bavuze umwana wumva bashatse kuvuga iki? » Ndamusubiza nti: « Kuri nge umwana ni umuntu ukiri muto utaragera igihe cyo gushaka ». Nuko aransubiza ati: “Rwose igisubizo cyawe ni cyo kirumvikana. Ariko kuko turi mu burenganzira, kandi uburenganzira bukaba butangwa n’itegeko, ni byiza kuyashingiraho kugira ngo tumenye neza uwo twita umwana uwo ari we. Amategeko avuga ko umwana ari umuntu wese utarageza ku myaka cumi n’umunani y’amavuko.

Umwana afite uburenganzira bwo kubaho kuva agisamwa. Ni yo mpamvu nta mubyeyi wemerewe gukuramo inda uko ashaka. Dore ubu ukimara kuvuka wahawe izina, wandikishwa mu bitabo by’irangamimerere nk’uko amategeko abiteganya. Uri Umunyarwanda kuko ubwenegihugu bwawe ari Ubunyarwanda hakurijwe itegeko ribigenga. N’iyo ujya kuba warabyawe n’Umunyarwandakazi, so ari umunyamahanga, wari guhita ubona ubwenegihugu nyarwanda nta kindi usabwe. Nkubajije ababyeyi bawe wabambwira kuko ubazi kandi ni bo bakurera nta wundi basiganya. Iyo bitajya gushoboka ko ubana n’ababyeyi bawe kandi ubafite, bagombaga kuguha ibikurera kandi ukujya ubasura igihe ushakiye, mu gihe bitabangamiye umutekano wawe n’uw’igihugu. Uzi ko burya umwana utaragira imyaka itandatu y’amavuko agomba kubana na nyina mu gihe bitabangamiye inyungu ze n’ubwo ababyeyi be baba baratandukanye? Udafite ababyeyi, ni ngombwa kugira umwishingizi, cyangwa umubera umubyeyi ataramubyaye, cyangwa se ikigo cyabugenewe kikamwitaho, bitaba ibyo akishingirwa na Leta.

Kwiga bituma ujijuka kandi bikagutegurira kuzabaho neza mu gihe kizaza. Kwiga rero na byo ni uburenganzira bw’umwana. Kubera iyo mpamvu buri mwana w’Umunyarwanda afite

uburenganzira bwo kwiga. Ababyeyi n'abandi barera abana batari ababo bafite inshingano yo kubohereza mu ishuri. Leta y'u Rwanda kandi isobanura neza mu mabwiriza yayo, ko nta kigo cy'amashuri abanza ya Leta kemerewe gusaba amafaranga y'ishuri. Kubera iyo mpamvu nta mwana ugomba kwirukanwa mu mashuri kubera ikibazo cy'amafaranga, ivangura rishingiye ku gitsina cyangwa kuba afite ubumuga n'ibindi.

Uko byagenda kose rero ufite uburenganzira bwo kubaho ku buryo ntawemerewe kugukubita, kukuvutsa ubuzima, kuguhotera cyangwa kugufata nk'umucakara. Ufite uburenganzira bwo gutungwa n'ababyeyi bawe hanyuma baba batakiraho ugasigarana umutungo wabo ari byo bita **kuzungura**, kabone n'ubwo baba barashakanye bitemewe n'amategeko cyangwa baratandukanye. Abavandimwe bawe ntibemerewe kukwambura ubwo burenganzira kabone n'iyo waba uri umukobwa, ufite uburenganzira bwo kuzungura ababyeyi bawe. Ufite uburenganzira bwo gukorera mu mudendezo, gusengera mu idini ushaka, emwe no gushinga urugo n'uwo wifuza kurushingana na we ugeze igihe cyo kurushinga. Ntawufite uburenganzira bwo kuguhatira gushaka ukiri umwana.

Abana kandi bagomba kurindwa imirimo ivunanye. Gusa bafite inshingano zo gufasha ababyeyi mu mirimo yo mu rugo, ariko nta muntu wemerewe kubakoresha mu kazi ako ari ko kose n'ubwo yaba abahemba umushahara kuko byabangamira iterambere ryabo kandi bikabacira ubuzima.

Abana bafite kandi uburenganzira bwo gukina kugira ngo umubiri wabo ugire ubuzima bwiza. Ababyeyi ndetse n'abarezi bagomba kubarinda ibyatuma ubuzima bwabo buhungabana. Muri ibyo harimo kubarinda icyabateza impanuka yatuma bakomereka cyangwa bakandura indwara. Ni yo mpamvu bagomba kugirirwa isuku kandi bakayitwaza, bakambikwa imyenda ibafasha guhangana n'ibihe binyuranye, bakavuzwa igihe barwaye ndetse bagahabwa n'inkingo zose kugira ngo ubuzima bwabo buzire umuze.



Ikigwa cya 3.1 Umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Ibibazo ku mwandiko:

- 1) Ni bande bavugwa muri uyu mwandiko ?
- 2) Ni uwuhe mwuga wa Muyoboke ?
- 3) Ubundi se icyo bavuze umwana wumva ari muntu ki ?
- 4) Vuga uburenganzira bw' umwana Muyoboke yagaragaje muri uyu mwandiko.
- 5) Ushingiye ku muco nyarwanda, gereranya uburenganzira umwana yari afite mu Rwanda rwo hambere no muri iki gihe.

Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho 3.1

- **Ingingo z'umuco ku burenganzira bw'umwana**

- ✓ Umwana ni umuntu wese utarageza ku myaka cumi n'umunani y'amavuko.
- ✓ Umwana afite uburenganzira bwo kubaho kuva agisamwa, ni yo mpamvu nta mubyeyi wemerewe gukuramo inda uko ashaka.
- ✓ Iyo umwana akimara kuvuka ahabwa izina, akandikishwa mu bitabo by'irangamimerere nk'uko amategako abiteganyaga.
- ✓ Umwana afite uburenganzira ku bwenegihugu hakurijwe itegeko ribigenga. N'icyo umwana abyawe n'Umunyarwandakazi, se ari umunyamahanga, ahita abona ubwenegihugu nyarwanda nta kindi asabwe.
- ✓ Ababyeyi bafite inshingano zo kurera umwana babyaye no kumurinda ari nta wundi bamusiganyije.

- ✓ Iyo umwana ataragira imyaka itandatu y’amavuko agomba kubana na nyina mu gihe bitabangamiye inyungu ze n’ubwo ababyeyi be baba baratandukanye. Udafite ababyeyi, ni ngombwa kugira umwishingizi, cyangwa umubera umubyeyi ataramubyaye, cyangwa se ikigo cyabugenewe kikamwitaho, bitaba ibyo akishingirwa na Leta.
- ✓ Buri mwana w’Umunyarwanda afite uburenganzira bwo kwiga kandi nta kigo cy’amashuri abanza ya Leta kemerewe kwirukana umunyeshuri kubera amafaranga y’ishuri, ivangura rishingiye ku gitsina, ubumuga n’ibindi.
- ✓ Ntawemerewe gukubita umwana, kumuvutsa ubuzima, kumuhohotera cyangwa kumufata nk’umucakara, kumuvutsa ubuzima n’ibindi.
- ✓ Umwana kandi afite uburenganzira bwo gutungwa n’ababyeyi be hanyuma baba batakiraho agasigarana umutungo wabo ari byo bita **kuzungura**, kabone n’ubwo baba barashakanye bitemewe n’amategeko cyangwa baratandukanye cyangwa ngo ahezwe ku mitungo y’ababyeyi be ngo ni uko ari umukobwa. Abavandimwe be ntibemerewe kumwambura ubwo burenganzira kabone n’iyo yaba ari umukobwa afite uburenganzira bwo kuzungura ababyeyi be. Afite uburenganzira bwo gukorera mu mudendezo, gusengera mu idini ashaka, ndetse no gushingana urugo n’uwo yifuza kandi ntawufite uburenganzira bwo kumuhatira gushaka akiri umwana.
- ✓ Abana kandi bafite uburenganzira bwo kuvuzwa igihe barwaye ndetse bagahabwa n’inkingo zose kugira ngo ubuzima bwabo buzire umuze, n’ibindi.

- **Akamaro ko kwereka umwana urukundo, mu iyubahirizwa ry’uburenganzira bwe.**

Abakurambere barihoreye bagira bati: “Umwana ni umutware”. Ni koko umwana akwiye kwitabwaho mu buryo bwose, agahabwa ibyo akeneye byose kandi akagaragarizwa urukundo kuva akivuka. Urwo rukundo yahawe ni rwo azakurana bityo akazaruha abana be, Abanyarwanda ndetse n’undi uwo ari we wese muri rusange.

Biturutse ku kubahiriza uburenganzira bw'umwana, hari indangagaciro bizamutera gukurana, zirimo izi zikurikira:

- ✓ Kwimakaza urukundo aho ari hose
- ✓ Ubupfura
- ✓ Ubwitange
- ✓ Kwimakaza amahoro mu muryango
- ✓ Gukunda umurimo no kuwunoza.
- ✓ Ubufatanye
- ✓ Ubumwe
- ✓ N'izindi.



Igikorwa cy'umwitozo wunganiwe



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe by'inyunguramagambo, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Sobanura amagambo akurikira ushingiyeye Ku mwandiko:

- a) Uburenganzira:
- b) Kuvutsa ubuzima:
- c) Kuzungura:
- d) Gusobanuza:



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakoze imbere y'abandi batozwa. Uwakenera ubufasha wese yambwira kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

1. Bwira abatozwa bagenzi bawe isomo ukuye muri uyu mwandiko “Uburenganzira bw’umwana”.
2. Witeguye gukora iki mu gihe waba uhuye n’umwana wahutarijwe uburenganzira?

Ikigwa 3.2. Izina mbonera



Ikigwa 3.2. Umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Subiza ibibazo bikurikira:

1. Izina mbonera rirangwa n'iki?
2. Vuga amoko y'izina mbonera.
3. Izina baryita iritirano ryari?
4. Amazina mbonera gakondo ni amazina ameze ate?

Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho 3.2

• Inshoza y'izina mbonera

Amazina mbonera ni amazina afite uturemajambo dutatu, ari two indomo, indanganteko n'igicumbi. Aya mazina ashobora kutagira izo ntego zose, akaba yabura indanganteko cyangwa akabura indomo n'indanganteko icyarimwe.

Urugero:

Amazina	Intego	itegeko
Umwami	u-mu-ami	u→w /-J
Imyanda	i-mi-anda	i→y /-J
Iziko	i-Ø-ziko	Nta tegeko
Izuru	i-Ø-zuru	Nta tegeko
Dodo	Ø-Ø-dodo	Nta tegeko

Bwaki	Ø-Ø-bwaki	Nta tegeko
Amazina kandi ashobora kugira uturemajambo twisubiramo, ibicumbi n'indanganteko bikagenda biba bibiri bibiri. Urugero : Ikigorigori : i-ki-gori-gori C C Ubumuntu : u- bu- mu- ntu RT RT Uburebure : u- bu – re - bu - re RT C RT C • Amoko y'amazina mbonera Amazina mbonera abamo amazina mbonera gakondo n'amazina mbonera y'amatirano. ✓ Amazina mbonera gakondo Ni amazina afite inkomoko yayo mu rurimi kavukire kandi akaba adafitanye isano n'inshinga atanayikomokaho. Urugero: Umutsima, umusambi, icebe, uruho n'andi. ✓ Amazina mbonera y'amatirano Ni amazina yinjiye mu rurimi kavukire akomotse mu ndimi z'amahanga. Bene ayo mazina yisanisha n'amazina mbonera gakondo afata intego nk'iz'ayo mazina. Ingero: ✚ Ishati (shirt): i- Ø- shati D RT C ✚ Umushoferi (chauffeur): u- mu- shoferi D RT C		



Igikorwa cy' umwitozo wunganiwe



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Erekana amazina mbonera ari mu nteruro zikurikira :

1. Duturanye n'umugabo Muyoboke uburanira abandi mu nkiko.
2. Abantu bavuga ko yize akaminuza mu by'amategeko.
3. Ku ishuri, umwarimu yaduhaye umukoro wo gushaka ingero n'ibisobanuro by'uburenganzira bw'umwana.



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakozwe imbere y'abandi batozwa. Uwakenere ubufasha wese yambwira kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

1. Tanga ingero eshanu z'amazina mbonera.
2. Tanga ingero eshatu z'amazina mbonera abura indomo.
3. Tanga ingero eshatu z'amazina mbonera abura indanganteko.
4. Tanga ingero eshatu z'amazina mbonera y'amatirano.

Ikigwa 3.3. Intego y'izina mbonera



ikigwa 3.3. Umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Subiza ibibazo bikurikira:

- a) Inyajwi “e” uyiziho iki mu ntego z’amazina mbonera?
- b) Rondora uburyo butatu bifashisha kugira ngo babone indomo y’izina.
- c) Indomo ni iki?
- d) Indanganteko ni iki?
- e) Igicumbi ni iki?

Ingingo z’ingenzi zo kwitabwaho 3.3

- **Intego y’izina mbonera**

Amazina mbonera agira intego eshatu ari zo indomo (D), indanganteko (RT) n’igicumbi(C).

- ✓ **Indomo (D)**

Indomo ni injyizi itangira izina. Inyajwi zirema indomo ni « i », « a » na « u » naho « e » na « o » ntizijya zitangira amazina y’Ikinyarwanda. Indomo y’ijambo iratakara iyo umuntu ashize impakanyu « nta », indangahantu « mu » cg « ku » imbere y’iryo jambo, cyangwa ushyize akajambo kabaza « ki » inyuma yaryo.

Urugero:

- ✚ Umuntu : Nta muntu nabonye
- ✚ Ku muntu ntibishoboka
- ✚ Ese ni muntu ki ?

⇒ u- ni indomo kuko yatakaye.

✓ **Indanganteko (RT)**

Indanganteko ni intego igenda ihinduka uko ijambo rivuye mu nteko imwe rigiye mu yindi. Indanganteko ni yo baheraho bamenya inteko ijambo ririmo.

Inzu (nt9/10) : ikizu (nt7) ; ibizu (nt8) ; uruzu (nt11) ; akazu (nt12) ; utuzu (nt13) ; ubuzu (nt14). ⇒ n- ; ka- ; ru- ; tu- ; bi- na bu- ni indanganteko

Ikitonderwa:

Usibye mu nteko ya kenda n'iya cumi aho indanganteko iba igizwe n'ingombajwe « n » iri yonyine, ubundi indanganteko iremwa n'ingombajwi n'inyajwi isa n'indomo y'iryo jambo. Reba ingero hejuru.

✓ **Igicumbi (C)**

Igicumbi ni akaremajambo utundi dushingiraho. Ni agace k'ijambo kadahinduka iyo umuntu agoragoje ijambo. Ni ukuvuga iyo arikuye mu nteko imwe akarishyira mu nteko zinyuranye. Icyo gihe aba arishyize mu bumwe cyangwa mu bwinshi, aripfobeje cyangwa aritubuye.

Urugero :

Inzu (nt9/10) : ikizu (nt7) ; ibizu (nt8) ; uruzu (nt11) ; akazu (nt12) ; utuzu (nt13) ; ubuzu (nt14).

⇒ Aka gace « -zu » ni igicumbi kuko katigeze gahinduka muri ariya magambo yose.

Ikitonderwa:

Zimwe muri izi ntego zishobora kwisubiramo, indanganteko zikaba ebyiri cyangwa ibicumbi bikaba bibiri.

Urugero:

Amazina	Intego	Amategeko	Ibyisubiramo
Ikigorigori	i-ki-gori-gori	Nta tegeko	2C
Igicumucumu	i-ki-cumu-cumu	k→g /-GR	
Ubumuntu	u-bu-mu-ntu	Nta ryo	2RT
Urunturuntu	u-ru-ntu-ru-ntu	Nta ryo	2RT + 2C
Uburebure	u-bu-re-bu-re		

- Amategeko y'igenamajwi mu mazina mbonera**

Iyo usesengura intego z'amazina ugasanga intego ubonye zidahuye n'ijambo wahawe gusesengura ugomba kwerekana icyabiteye. Ni ukuvuga kwerekana **amategeko y'igenamajwi** aba yajemo. Amategeko y'igenamajwi azanwa n'ihuzwa ry'intego ebyiri z'ijambo (indanganteko n'igicumbi).

Ingero:

Izina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Ubwato	u-bu-ato	u→w/-J
Umwaka	u-mu-aka	
Ubuki	u-bu-uki	u→∅/-J
Urugi	u-ru-ugi	
Imyanda	i-mi-anda	i→y/-J
Iryinyo	i-ri-inyo	

Amenyo	a-ma-inyo	a + i → e
Abeza	a-ba-iza	

Abana	a-ba-ana	a → ∅ / -J
Aboro	a-ba-oro	
Igit	i-ki-ti	k → g / -GR
Igisabo	i-ki-sabo	
Udukoko	u-tu-koko	t → d / -GR
Udusaro	u-tu-saro	
Insina	i-n-tsina	t → ∅ / n-s
Insibo	i-n-tsibo	
Inzira	i-n-yira	n + y → nz
Inzuki	i-n-yuki	
Indembe	i-n-rembe	n + r → nd
Indabo	i-n-rabo	
Imvano	i-n-vano	n → m / -v
Imbaho	i-n-baho	n → m / -b
Impigi	i-n-higi	n → m / -h; mh → mp
Impapuro	i-n-papuro	n → m / -p
Imfunguzo	i-n-funguzo	n → m / -f
Imfizi	i-n-pfizi	n → m / -p, p → ∅ / m-f
Imfu	i-n-pfu	
Inyegamo	i-n-egemo	n → ny / -J
Inyubako	i-n-ubako	
Inzara (z'intoki) Inzugi	i-n-ara i-n-ugi	Ibicumbi bifata "z" mu nteko ya 10



Igikorwa cy'umwitozo wunganiwe



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Garagaza intego n'amategako y'igenamajwi yubahirijwe mu magambo aciyeho akarongo:

- a) Ahari abantu hanuka urunturuntu.
- b) Data arankunda cyane.
- c) Uyu muzinga ni uw'inzuki.
- d) Uhabwa inka ni ufite urwuri.
- e) Igitoki k'ikinyarwanda ndagikunda.
- f) Injangwe yandiye inzara.



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakozwe imbere y'abandi batozwa. Uwakenere ubufasha wese yambwira kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

Shaka amagambo akoreshwamo aya mategeko y'igenamajwi ugaragaze n'intego zayo.

- a) $a \rightarrow \emptyset / -J$
- b) $t \rightarrow \emptyset / n-s$
- c) $n \rightarrow ny / -J$

d) $t \rightarrow d/-GR$

e) $n+r \rightarrow nd$

f) $n \rightarrow m/-b$



Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize risoza imbumbwe ya gatatu

Umwandiko : Menya uburenganzira bwawe.

Abantu muri kamere yacu turikunda. Umuntu yumva ibyiza byose ari we byabanza gusanga, abandi bikabageraho nyuma; ngo ujya gutera uburezi arabwibanza. Nk'uko amateka abigaragaza, uko kwikunda kwagiye gutuma abantu bamwe na bamwe baryamira abandi, bakabahohotera, bakabaheza ku byo na bo bagenewe nk'abantu. Mu nama y'Umuryango w'Abibumbye, ikibazo k'ihohoterwa rikorerwa abantu cyavuzweho, hafatwa imyanzuro yo gutangaza ingingo zigaragaza uburenganzira umuntu afite kandi zikaba zikwiye kumenywa no kubahirizwa na buri wese.

Umuntu, mbere na mbere, afite uburenganzira bwo kubaho mu bwisanzure kandi afite umutekano. Ibi bishatse kuvuga ko nta muntu ufite uburenganzira bwo kwambura mugenzi we ubuzima. Dufite inshingano zo kwirindira umutekano no kuwurindira abandi, abo tubana, abo duturanye n'abo tugendana. Kutubaha ubuzima, bwaba ari ubwawe, bwaba ari ubwa mugenzi wawe, ni icyaha gihanwa n'amategeko.

Umuntu afite uburenganzira bwo kujya aho ashaka no guhitamo aho atura mu gihugu ke, gusohoka no kukigarukamo igihe ashatse. Nta muntu ufite uburenganzira bwo kwambura umuntu umutungo we. Abantu barasabwa gushakisha umutungo bakora akazi kabyara inyungu, bakabikora bizeye ko umutungo wabo ntawuzawubavutsa kandi ko hari amategeko abarengera igihe hari ushaka kubahuguza umutungo wabo. Umuntu rero afite uburenganzira bwo guhitamo akazi akora. Iyo akorera abandi, agira uburenganzira ku mushahara uhagije kugira ngo we n'umuryango we babashe kubaho.

Ubundi burenganzira umuntu afite ni ubwo kugira ibitekerezo n'imyemerere ye bwite. Afite uburenganzira bwo guhitamo idini asengeramo no kwamamaza imyemerere ye ku mugaragaro. Nta muntu ukwiye rero kubuzwa gusenga cyangwa kuzira aho asengera. Umuntu afite uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo bye mu bwisanzure. Nta muntu ukwiye kubuzwa kuvuga uko yumva ibintu cyangwa kuzira ibitekerezo yatanze.

Umuntu afite uburenganzira bwo kugira imibereho myiza we n'umuryango we. Akwiye kubona icyo arya, icyo yambara n'aho aba. Afite uburenganzira bwo kwivuka igihe arwaye no guhabwa serivise nkenerwa zose.

Umuntu afite uburenganzira bwo kwitabwaho no kubungabungirwa umutekano igihe ashaje, igihe yapfakaye cyangwa se kubera impamvu runaka atakibashije kugira umurimo akora. Umubyeyi uri kunda n'umwana bagomba kwitabwaho ku buryo bw'umwihariko. Umwana wavutse ku babyeyi bashakanye ku buryo bwemewe n'amategeko n'uwavutse ku bundi buryo barengerwa n'amategeko kimwe.

Buri muntu kandi afite uburenganzira bwo guhabwa uburezi bukwiye, kandi uburezi bw'ibanze agomba kubuhererwa ubuntu. Buri muntu afite uburenganzira bwo gukomeza amashuri ye hashingiwe ku bushobozi agaragaza kandi ababyeyi bafite uburenganzira bwo guhitiramo abana babo amashuri bazigamo. Ngize zimwe mu ngingo zigize uburenganzira bwa muntu. Ni ngombwa ko tumenya uburenganzira bwacu kugira ngo hatazagira uwo twemerera ko atubangamira kandi natwe ntugire uwo tuvutse uburenganzira bwe kubera ubujiji.

I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Rondora uburenganzira bwa muntu bugaragara mu mwandiko.
2. Kuba umuntu afite uburenganzira bwo kubaho bikubwira iki nk'umunyeshuri?
3. Ni abahe bantu bagomba kubungabungirwa umutekano ku buryo bw'umwihariko? Wumva ari iyihe mpamvu bagomba kwitabwaho cyane?
4. Wumva ute kuba umwana wavutse ku babyeyi babana ku buryo bwemewe n'amategeko n'uwavutse ku bundi buryo barengerwa n'amategeko kimwe?
5. Vuga ubundi burenganzira bwa muntu butavuzwe mu mwandiko.

II. Inyunguramagambo: Sobanura amagamo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) Uburezi :
- b) Uburenganzira :
- c) Guhuguza :
- d) Kuvutsa :
- e) Kubangamira :

III. Tanga imbusane z'amagambo akurikira :

- a) Kuvutsa :
- b) Kubasha :

IV. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro.

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zumvikana :

- a) Kwitabwaho:
- b) Guhuguza:
- c) Kuvutsa:
- d) Uburenganzira:
- e) Kubungabunga:

2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko kandi uyasanishe uko bikwiye aho biri ngombwa: (kuvutsa, guhuguza, kubangamira, uburenganzira, uburezi)

- a) Umuntu uterekera ajugunya..... mu ziko akaba asangiye n'abakurambere.
- b) Ni nde umuntu umugisha Imana yamugeneye ?
- c) Buri muntu agira n'inshingano ze ; ni ngombwa kubimenya byombi.

d) Karibwende arashaka nyirakuru umurima, ariko abunzi baritaye mu gutwi, ntibazamukundira.

e) Nihagira mu mushinga wawe, uzambwire nkurenganure.

IV. IKIBONEZAMVUGO :

- **Garagaza amazina mbonera mu nteruro zikurikira:**
 - a) Umuntu afite uburenganzira bwo kujya aho ashaka no guhitamo aho atura mu gihugu ke.
 - b) Umuntu, mbere na mbere, afite uburenganzira bwo kubaho mu bwisanzure kandi afite umutekano.
 - c) Ibi bishatse kuvuga ko nta muntu ufite uburenganzira bwo kwambura mugenzi we ubuzima.
- **Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe mu magambo aciyeho akarongo:**
 - a) Mfite imfizi yange nateretse ndashaka kuzayikugabira.
 - b) Ndabona inzira zibyaye amahari reka mfate indabo zange nigendere.
 - c) Umwana wawe yariye imyanda arwara inzoka. Mu mboga umuha ntiwibagirwe na dodo kuko ari ingirakamaro.



Iby'ingenzi ngomba kwibuka mu mbumbe ya gatatu:

- Muri iyi mbumbe ya gatatu, mfashe ko uburenganzira bw'umwana mu muryango bugomba kubahirizwa kugira ngo arindwe ihohoterwa iryo ari ryo ryose.
- Nsigaranye kandi ko Izina mbonera ari izina rigira uturemajambo dutatu : indomo (D), indanganteko (RT) n'igicumbi (C).
- Iyo usesengura intego z'amazina ugasanga intego ubonye zidahuye n'ijambo wahawe gusesengura, ugomba kwerekana icyabiteye. Ni ukuvuga kwerekana **amategeko y'igenamajwi** aba yajemo. Amategeko y'igenamajwi azanwa n'ihuzwa ry'intego ebyiri z'ijambo (indanganteko n'igicumbi).
- Izina mbonera ririmo amoko abiri : izina gakondo n'izina ry'iritirano
- Izina gakondo ni izina risanzwe mu rurimi, nk'umuntu, igiti, inka, insinga n'ibindi, mu gihe amazina y'amatirano ari amazina yaje nyuma mu rurimi rwacu atiwe mu ndimi z'amahanga.

1. Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Nk'uko byavuzwe ku ntangiriro y'iyi mbumbe, nta buryo buri bwo cyangwa ubutari bwo bwo gusubiza iki kibazo; ahubwo ni ibigufasha wowe ubwawe muri iyi nyigisho. Tekereza wowe ubwawe niba nyuma yo kwiga iyi mbumbe irangiye, ibi noneho washoboye kubikora n'ikigero ubishoboyeho. Soma ibibanza mu kazu ko hejuru hanyuma ushyire akamenyetso aho ubona hajyanye n'ikigero cy'uko ubyumva.

2. Uzuza iyi mbonerahamwe kandi wibuke kwereka umutoza ibyo wujemo.

Iyakozwe neza	Ibikeneye kongerwamo Imbaraga	Ibikorwa byakwifashishwa mu kongera imbaraga aho bikenewe
1.	1.	1.
2.	2.	2.
3.	3.	3.
4.	4.	4.

IMBUMBE 4: INTEG0 YA NTERA N'AMATEGEKO Y'IGENAMAJWI.



Inshamake y'imbumbe:

Muri iyi mbumbe “Intego ya ntera n’amategeko y’igenamajwi”, mu gice cy’umwandiko Hagaragaramo akamaro k’imbuto mu kurinda no kurwanya indwara ku buzima bw’umuntu kuko aho barya imbuto indwara zidashobora kuhinjira bitewe na za vitamine ndetse n’imyunyu ngugu dusangamo.

Mu gice k’ikibonezamvugo dusangamo ntera yasesenguwe neza hibandwa ku nshoza yayo, uturango twayo, intego, kureba ibicumbi bya ntera ndetse n’amategeko y’igenamajwi. Ntera igira uturemajambo tubiri: indangasano (RS) n’igicumbi (C).

Nk’uko twabibonye mu mbumbe zabanje, iyi mbumbe na yo isozwa n’imyitoto nshimangirabumenyi ndetse n’isuzuma risoza imbumbe mu rwego rwo kureba niba umutozwa yumvise neza ibyo yize.

 Gusuzuma ubushobozi umutozwa afite ku nyigisho igiye kwigwa mu mbumbe ya 4

1. Itegereze ishusho. Urabonaho iki? Ibyo ubonaho urabona biganisha ku ki? Utekereza ko muri iyi mbumbe twigamo iki?

2. Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Nta buryo buri bwo cyangwa ubutari bwo bwo gusubiza iki kibazo; ahubwo ni ibigufasha wowe ubwawe muri iyi nyigisho. Tekereza wowe ubwawe niba ibi ushoboye kubikora n'ikigero ubishoboyeho. Soma ibibanza mu kazu ko hejuru hanyuma ushyire akamenyetso aho ubona hajyanye n'ikigero cy'uko ubyumva.

Inararibonye ryange	Nta kintu na kimwe nzi ku mikoresher eze yabyo.	Nziho bike.	Nziho ibiringan iye.	Nziho byinshi.	Ndiyizeye ku mikoresher eze yabyo.
Ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya					
Kumenya akamaro k'imbuta mu kurinda indwara.					
Kumenya akamaro k'imbuta mu kurwanya indwara.					
Gushobora kwirinda indwara ukoresheje imbuta.					
Gushobora kugaragaza ntera mu nteruro wahawe.					

Kumenya uturango twa ntera.					
Gusobanurira abandi intego ya ntera.					
Kugaragaza uturemajambo twa ntera n'amategeko y'igenamajwi.					

Ubushobozi fatizo

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya
1. Kumenya akamaro k'imbutu mu kurinda no kurwanya indwara.	1. Kugaragaza akamaro k'imbutu mu kurinda no kurwanya indwara.	▪ Amakenga
2. Kumenya ntera hagendewe ku turango twayo.	2. Kugaragaza no gusobanura ntera hagendewe ku turango twayo.	▪ Ubwihangane
3. Kumenya uturemajambo twa ntera n'amategeko y'igenamajwi.	3. Kugaragaza uturemajambo twa ntera n'amategeko y'igenamajwi.	▪ Kwitonda

Ivumburamatsiko

Itegereza amashusho maze wungurane ibitekerezo na mugenzi we mwicaranye ku byo mubonaho, ibyigwa mutekereza ko imbumbwe iri bwibandeho mugendeye ku mashusho. Nyuma yo kungurana ibitekerezo, musubize ibibazo bikurikira bibafasha gutahura ibigiye kwigwa muri iyi mbumbwe (umutoza azajya ababaza mumusubize mugendeye ku mabwiriza y'umutoza).

Ibibazo:

1. Iyi shusho iratwereka iki?
2. Ese iwanyu abantu bitabira guhinga ibiti byera imbuto ziribwa?
3. Abantu se bakangukiye gukoresha imbuto mu buzima bwabo bwa buri muni?
4. Abantu se baba bazi akamaro k'imbuto mu buzima bwacu?
5. Mukurikije ibibazo mbabajije muratekereza tugiye kwiga iki muri iyi mbumbwe?

Ikigwa 4.1. Umwandiko: Akamaro k'imbuto

Hariho umugani umaze iminsi uvuga ngo « Aho izuba ryinjiye indwara ntizihacumbika.” Naho abahanga mu by’ububuzima bo bati: “Aho barya imbuto mu buryo buhagije, indwara ntizishobora kuhinjira.” Imbuto ni isoko itangaje ya vitamine, imyunyu ngugu, n’ibintu bikoresha amara neza (fibres). Mu mbuto harimo vitamine C kurusha inyama, amata, amagi, ibinyampeke n’ibinyamisogwe byumye. Uwatungwa n’ibi ntarye imbuto, yarwara indwara z’injyanamuntu.

Imbuto zigomba kubanza ku meza no mu nda mbere ya buri gaburo, kuko zinezera inzira z’ubwenge ari zo : amaso, amatwi, amazuru, ururimi n’ikiganza. Ni ibyo kurya, kandi zikaba ari n’umuti. Imbuto zikwiriye kubanziriza ibyo kurya bya mu gitondo, cyangwa iby’andi masaha, ariko tukamenya ko ari indyo yuzuye itagomba kuba imperekeza y’ibyo kurya bindi byavuzwe.

Muri iki gihe hiryana no hino hagaragara bamwe mu bantu bafite ikibazo k’imirire mibi. Benshi muri bo baba ari ab’igitsina gabo kuko umuco babayemo ubafasha kutarya imbuto bagira bati: “Nta mugabo wo kurya imbuto. Imbuto ni iz’abana n’abagore. Umugabo nyamugabo ni usoma ku kayoga”. Abandi bati: “Nta mugabo wo kunywa igikoma kuko ntiyakumva igikomye”. Nyamara n’ubwo bimeze bityo, abahanga mu by’imirire bemeza ko umuntu urya imbuto ku buryo buhagije umubiri we udacumbikamo indwara.

Mu gitabo « Guide des Aliments », umwanditsi wacyo avuga ko imbuto ari isoko itangaje ya vitamine, imyunyu ngugu, n’ibintu bikoresha amara neza. Mu mbuto harimo vitamine C kurusha inyama, amata, amagi, ibinyampeke n’ibinyamisogwe byumye.

Bakomeza bavugira ko uwatungwa n’ibi ntarye imbuto, yarwara indwara z’injyanamuntu. N’ubwo ubwiza bw’imbuto ari ntagereranywa, ngo zizirana n’izuba aho imirasire y’izuba yangiza vitamine zizibonekamo. Kurya rero imbuto zakayutse ni nko kugosorera mu rucaca.

Imbuto zitunze amazi, ni yo mpamvu zirinda icyaka. Zirimo isukari, abazirya bahorana intege. Zifite ibinyamafufu, abazirya bagira imbaraga. Zigira ibintu bikoresha amara neza

(fibres), abazirya bituma neza kandi ku gihe. Zituma vitamine C ikwirakwira neza mu mubiri, zica imyanda no gukura indurwe nyinshi mu maraso. Abazirya ntibarwara indwara y'umwingo, imitsi, kandi ntibarakazwa n'ubusa, cyangwa kurwara ibisebe byo mu nzira y'igogora. Zigira vitamin A na C, zigakingira kanseri. Zigira imyunyu ngugu ya potasiyumu, manyeziyumu, karisiyumu ndetse n'ubutare (fer); Imyunyu ifite uruhare runini mu gukoresha neza umubiri w'umuntu.

Potasiyumu ikoresha neza inzira zo kwihagarika, itera imihore y'umutima kugira imbaraga, ni umuti w'umugongo n'impiko. Impiko zashegeshwe no kuziba k'utuyunguruzo twazo (glomélules), aho umuntu aba yarwaye indwara yitwa neforoze (néphrose), ntizishobora kuyungurura potasiyumu neza cyangwa kwihanganira ibiribwa biyikizeho. Manyeziyumu irinda umunaniro, itera guhora umuntu akeye, ikoresha neza imitsi yumva, imyakura, imitsi y'umutima n'amara, ikoresha ibyo umuntu yariye bigahinduka imbaraga, iyo yiyunze na potasiyumu, fosifori. Igoboka mu kurema no gukomeza amagufwa n'amenyo, itera imbaraga mu ngirangango fatizo, amaraso agatembera neza mu mitsi ndetse igatera imihore kwinyakura vuba.

Karisiyumu itera kudahungabanywa n'ikintu icyo ari cyo cyose mu mubiri, ikingira ibyuririzi, ikongerera abasirikari b'umubiri ubutaraga, igakingira indwara z'udukoko, irinda umutima n'imitsi y'imijyana, yoroshya amaraso, iminina amavuta mu maraso, igatuma utunyangango dukora neza, iraboneza kandi ikaruhura urusobe rw'imitsi yumva, igatuma umuntu yiyumvamo amahoro. Mu mbuto harimo faravonoyide (flavonoïdes), na antocyanine (anthocyanines), bituma imbuto zihinduka umuti urinda imitsi kumagara, zikoroshya amaraso no gukingira kanseri.



Ikigwa 4.1 Umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Ibibazo ku mwandiko:

- Ni kuki tugomba kurya imbuto ?
- Inzira z'ubwenge ni izihe ?
- Imbuto zimaze iki ku nzira z'ubwenge ?
- Garagaza akamaro ka potasiyumu na karisiyumu mu mubiri w'umuntu.

Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho 4.1

- Ingingo z'ingenzi zivuga ku kurwanya indwara zinyuranye**

- ✓ Abahanga mu by'ububuzima bavuga ko aho barya imbuto mu buryo buhagije, indwara zidashobora kuhinjira.
- ✓ Imbuto ni isoko itangaje ya vitamine, imyunyu ngugu, n'ibintu bikoresha amara neza (fibres).
- ✓ Mu mbuto harimo vitamine C kurusha inyama, amata, amagi, ibinyampeke n'ibinyamisogwe byumye.
- ✓ Uwatungwa n'ibi ntarye imbuto, yarwara indwara z'injyanamuntu.
- ✓ Imbuto zigomba kubanza ku meza no mu nda mbere ya buri gaburo, kuko zinezera inzira z'ubwenge ari zo: amaso, amatwi, amazuru, ururimi n'ikiganza.
- ✓ Imbuto ni ibyo kurya, kandi zikaba ni n'umuti kuko ni indyo yuzuye itagomba kuba imperekeza y'ibyo kurya bindi byavuzwe.

- ✓ Abahanga mu by'imirire bemeza ko umuntu urya imbuto ku buryo buhagije umubiri we udacumbikamo indwara.
- ✓ Mu gitabo « **Guide des Aliments** », umwanditsi wacyo avuga ko imbuto ari isoko itangaje ya vitamine, imyunyu ngugu, n'ibintu bikoresha amara neza. Mu mbuto harimo vitamine C kurusha inyama, amata, amagi, ibinyampeke n'ibinyamisogwe byumye.
- ✓ Imbuto zitunze amazi, ni yo mpamvu zirinda icyaka. Zirimo isukari, abazirya bahorana intege.
- ✓ Zifite ibinyamafufu, abazirya bagira imbaraga.
- ✓ Zigira ibintu bikoresha amara neza (fibres), abazirya bituma neza kandi ku gihe. Zituma vitamine C ikwirakwira neza mu mubiri, zica imyanda no gukura indurwe nyinshi mu maraso.
- ✓ Abazirya ntibarwara indwara y'umwingo, imitsi, kandi ntibarakazwa n'ubusa, cyangwa ngo barware ibisebe byo mu nzira y'igogora. Zigira vitamin A na C, zigakingira kanseri. Zigira imyunyu ngugu ya potasiyumu, manyeziyumu, karisiyumu ndetse n'ubutare (fer); Imyunyu ifite uruhare runini mu gukoresha neza umubiri w'umuntu.
- ✓ Mu mbuto dusangamo Potasiyumu ikoresha neza inzira zo kwihagarika, itera imihore y'umutima kugira imbaraga, ni umuti w'umugongo impyiko n'ibindi byinshi.
- ✓ Dusangamo kandi Karisiyumu itera kudahungabanywa n'ikintu icyo ari cyo cyose mu mubiri, ikingira ibyuririzi, ikongerera abasirikari b'umubiri ubutaraga n'ibindi.
- ✓ N'ubwo ubwiza bw'imbuto ari ntagereranywa, zizirana n'izuba kuko imirasire y'izuba yangiza vitamine zizibonekamo.
- ✓ Kurya rero imbuto zakayutse ni nko kugosorera mu rucaca.
- ✓ Tubungabunge amagara yacu rero dukoresha imbuto ariko tuzirinde izuba kugira ngo zishobore kutugirira akamaro uko bikwiye.



Igikorwa cy'umwitozo wunganiwe



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe by'inyunguramagambo, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha

Sobanura amagambo akurikira ukurikije umwandiko:

1. Indwara z'injyanamuntu:
2. Zakayutse:
3. Kugosorera mu rucaca:
4. Zashegeshwe:



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakozwe imbere y'abandi batozwa. Uwakenere ubufasha wese yambwira kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

1. Sobanura imvugo ikurikira: "Nta mugabo wo kunywa igikoma kuko ntiyakumva igikomye".
2. Mu matsinda yanyu mwungurane ibitekerezo kuri gahunda zinyuranye igihugu cyacu cyashyizeho zo kurwanya indwara (mugendeye ku mabwiriza y'umutoza).
3. Koresha mu nteruro wihimbiye amagambo akurikira:
 - a) Ibinyampeke:
 - b) Injyanamuntu:
 - c) Ibinyamisogwe:

Ikigwa 4.2: Ntera



Ikigwa 4.2: Umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

1. Itegereze **izi nteruro maze usubize ibibazo bikurikira:**

- Karigirwa akiri mu mwaka wa gatatu yagiraga **amanota meza**.
- Mwarimu wa Karigirwa yataye agakapu yunamye atoranya **amashu manini**.
- Umva ihoni rivugijwe n'**imodoka nziza**.
- Kamali afite **inka nyinshi** kandi z'inzungu zitanga umukamo utubutse.

Ibibazo:

- a) Amagambo yanditse mu ibara ry'umukara utsite afitanye irihe sano?
- b) Ese ayo magambo ashobora gusimburanya umwanya?
- c) Buri jambo rya kabiri riravuga iki ku rya mbere?

2. Garagaza ntera mu nteruro zikurikira:

- a) Karigirwa akiri mu mwaka wa gatatu yagiraga amanota meza.
- b) Mwarimu wa Karigirwa yataye agakapu yunamye atoranya amashu manini.
- c) Umva ihoni rivugijwe n'imodoka nziza.
- d) Natekereje inka nyinshi kandi z'inzungu zikamwa bafite, biranyobera.
- e) Uyu mwana ni mwiza. Umubi yagiye.

Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho 4.2

- **Inshoza ya ntera**

Ntera ni ijambo rigaragira izina rigasobanura imiterere, imimerere n'ingano by'iryo zina. Ntera yegerana n'izina ifutura cyangwa bigahuzwa n'inshinga "kuba".

- **Uturango twa ntera**

- ✓ Ntera yisanisha n'izina biri kumwe igafata indanganteko yaryo ho **indangasano**, bityo ntera yinjira mu nteko zose z'amazina.

Ingero:

- Uyu muhanda ni muremure.
- Kamanzi ni umusore munini kandi muremure.
- Si byiza kugira amanota mabi mu ishuri.

- ✓ Ntera igaragaza indanganteko y'izina igaragiye iyo indanganteko yaryo itigaragaza kandi ikagira umumaro w'imfutuzi.

Ingero:

- Ishuri rikuru
- Iryinyo rinini
- Ishyamba rinini

Ikitonderwa:

Ntera ishobora gusimbura izina igaragiye ifata indomo yaryo. icyo gihe yitwara nk'izina, intego yayo ikaba nk'iy'izina bityo ntiba ikibaye ntera ahubwo iba yahindutse **izina ntera**.

Ingero:

- **Abakuru n'abato** bunganirane.
- Imana ivubira imvura **ababi n'abeza**.
- **Imishyashya** na yo muyimese.



Igikorwa cy'umwitozo wunganiwe



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Garagaza ukwisanisha kw'indangasano n'indanganteko muri ntera n'amazina bikurikira, ushyira RS ku ndangasano na RT ku ndanganteko.

- Uyu **muhandu** ni **muremure**.
- Kamanzi ni **umusore munini** kandi **muremure**.
- Si byiza kugira **amanota mabi** mu ishuri.
- Mfite **amakayi manini**.



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakozwe imbere y'abandi batowze. Uwakenera ubufasha wese yambwira kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

Tanga ingero eshanu za ntera hanyuma uzikoreshe mu nteruro eshanu zitandukanye.

Tanga ingero eshatu z'aho ntera yafashe indomo igahinduka izina ntera.

Ikigwa 4.3: Uturemajambo twa ntera n'amategeko y'igenamajwi



Ikigwa 4.3: Umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Subiza ibibazo bikurikira:

- 1) Ntera igira utuhe turemajambo?
- 2) Indangasano ni iki?
- 3) Igicumbi muri ntera ni iki ?
- 4) Ca akarongo ku gicumbi, muri ntera zanditse mu mukara utsitse
"Abagabo **bagufi** bambaye imyenda **myiza** kandi **minini**".

Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho 4.3

- **Uturemajambo twa ntera**

Ntera igira uturemajambo tubiri : Indangasano n'igicumbi.

- ✓ **Indangasano (RS)**

Indangasano (RS) ni igice cya ntera gihinduka bitewe n'izina biri kumwe. Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye.

Ingero:

Umukinnyi **mushya** yatsinze **ibitego byinshi**.

Umurima mwiza wera imyaka myinshi.

✓ **Igicumbi (C)**

Igicumbi (C) cya ntera ni igice cyayo kidahinduka igihe hakoze igoragoza kandi ni cyo gice kigaragaza inyito (igisobanuro) yayo.

Ingero:

Abantu **bato**

Umurima **muto**

Imirima **mito**

Umurima **muto**

Ibicumbi bya ntera y'Ikinyarwanda ni ibi bikurikira:

Igicumbi	Urugero rw'imikoresheze
-bi	Ikibindi kibi: ki-bi; inka mbi: n-bi $n \rightarrow m/-b$
-bisi	Inkwi mbisi: n-bisi $n \rightarrow m/-b$
-gari	Ameza magari : ma-gari
-nini	Umntu munini : mu-nini
-re-re	Igiti kirekire : ki-re-ki-re; inzu ndende : n-re-n-re $n + r \rightarrow nd$
-sa	Amazi masa : ma-sa
-kuru	Amashuri makuru : ma-kuru
-zima	Abana bazima : ba-zima
-ke (-keya)	Ubwatsi buke: bu-ke ; utuzi duke : tu-ke $t \rightarrow d/-GR$
-gufi (-gufiya)	Inzu ngufi: n-gufi
-shya (-shyashya)	Imyenda mishya: mi-shya; agaseke gashya: ka-shya, $k \rightarrow g/-GR$
-inshi	

-iza	Abantu benshi: ba-inshi a+i→e; uduti twinshi: tu-inshi u→w/-J; imyaka myinshi: mi-inshi i→y/-J
-tagatifu	Amata meza: ma-iza a+i→e; ibibaya byiza: bi-iza i→y/-J; uburo bwiza: bu-iza u→w/-J
-taraga	Umutima mutagatifu: mu-tagatifu;
-hire	igitabo gitagatifu: ki-tagatifu k →g/-GR
-to(-toya)	Umuntu mutaraga:mu-taraga
-toto	Urugendo ruhire: ru-hire
-to-to	Inzu nto: n-to; ikirenge gito: ki-to k →g/-GR Ibyatsi bitoto: bi-toto
-nzinya(-nzunyu,	Umuntu mutomuto: mu-to-mu-to;
-niniya, -nunuya,	agati gatogato: ka-to-ka-to k →g/-GR
-nzugurunyu...	Udushaza tunzinya: tu-nzinya

Impugukirwa:

Ibicumbi: **–yinshi** na **–ziza** bikoreshwa mu nteko ya 9 n’iya 10 bigasimbura ibicumbi – inshi na –iza bihasanzwe.

Urugero: Igiti kiza Inka nziza

Umuti mwinshi inka nyinshi

Igicumbi – toto, - toya na –to – to bikomoka ku gicumbi – to

Urugero: Igiti gito, igiti gitoto, igiti gitoya, igiti gitogito

Igicumbi – re – re gikomoka ku gicumbi – re kitagikoreshwa mu Kinyarwanda.

Urugero: Ntiwavuga umusozi mure ahubwo ni umusozi muremure

- **Amategeko y'igenamajwi muri ntera**

Nk'uko twabibonye, ntera igira uturemajambo tubiri gusa, ari two indangasano (RS) n'igicumbi (C) kandi indangasano yayo isa rwose n'indanganteko y'izina igaragiye. Ku bw'ibyo, amategeko y'igenamajwi akoreshwa kuri ntera asa neza neza n'akoreshwa ku izina.

Ingero:

-Muri iki gihe hirya no hino hagaragara bamwe mu bantu bafite ikibazo k'imirire mibi

-Benshi muri bo baba ari ab'igitsina gabo kuko umuco babayemo ubafasha kutarya imbuto...

-Imyunyu ifite uruhare runini mu gukoresha neza umubiri w'umuntu

-Inkwi mbisi.

-Igitabo gitagatifu.

-Amata meza

Ntera	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Mibi	mi-bi	Nta tegeko cyangwa (-)
Benshi	ba-inshi	a+i→e
Runini	ru-nini	Nta tegeko, cyangwa (-)
Mbisi	n-bisi	n→m/-b
Gitagatifu	ki-tagatifu	k→g/-GR
Meza	ma-iza	a+i→e

Amategeko y'igenamajwi akoreshwa muri ntera asa neza neza n'asanzwe akoreshwa mu izina.



Igikorwa cy'umwitozo wunganiwe



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Garagaza uturemajambo twa ntera zikurikira:

Abantu benshi:

Uduti twinshi:

Imyaka myinshi:

Amata meza:

Ibibaya byiza:

Uburo bwiza:

Igitabo gitagatifu:



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakoze imbere y'abandi batozwa. Uwakenere ubufasha wese yambwira kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

Garagaza ingero z'aho ntera zishobora gukoreshwamo aya mategeko y'igenamajwi unagaragaza intego.

a) $u \rightarrow w/-J$

b) $i \rightarrow y/-J$

c) $k \rightarrow g/-GR$

d) $n+r \rightarrow d$

e) $n \rightarrow m/-b$



Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize risoza imbumbwe ya kane

Umwandiko: Ubuzima buzira umuze

Imibereho y'umuntu ikwiye gutekerezwaho hakiri kare kuko uko yitaweho mu bihe bye byo mu bwana bigira uruhare rukomeye mu mibereho ye igihe amaze kuba mukuru. Umugabo n'umugore bagomba gutekereza hamwe uko abana bavukana ubuzima bwiza, bakanabukurana.

Leta y'u Rwanda yahagurukiye guteza imbere gahunda yo kwita ku buzima bw'umwana mu minsi igihumbi ibanza y'ubuzima bwe; ni ukuvuga kuva umwana agisamwa kugera agejeje imyaka ibiri. Umubyeyi ukimara kumenya ko yasamye yihata indyo yuzuye, akitabira gahunda zose zireba umugore utwite zirimo kwisuzumisha no gukurikiza inama n'amabwiriza ahabwa n'abaganga ndetse n'abajyanama b'ubuzima.

Igihe cyo kubyara iyo kigeze umugore utwite agomba kwitabira kubyarira kwa muganga kugira ngo akurikiranwe n'abaganga kandi agezweho ibikenewe byose bituma umwana avuka neza. Umwana uvutse agomba gukurikiranwa, agahabwa kandi agakorerwa ibishoboka byose bimufasha kukura neza. Agomba konswa nibura amezi atandatu, nyuma y'icyo gihe agatangira guhabwa imfashabere kuzageza acutse. Agomba gukingizwa uko biteganyijwe, nta rukingo asimbutse cyangwa ngo aruhabwe igihe cyararenze. Umwana agombwa guhabwa indyo yuzuye igizwe n'ibyubaka umubiri, ibiwurinda indwara n'ibitera imbaraga.

Umwana rero agomba kugirirwa urukundo no kumenyerwa isuku yaba iy'umubiri, iy'ibiribwa n'ibinyobwa ndetse n'iy'imyambaro. Uburenganzira bw'umwana bugomba kubahirizwa, akishyurirwa amashuri n'ibigendanye na yo byose nta vangura iryo ari ryo ryose. Agomba kurindwa ihungabana n'ihohoterwa iryo ari ryo ryose, nk'irishingiye ku gitsina, ntakoreshwe imirimo imurenze n'ibindi bituma umuruho utangira kumwokama akiri muto. Agomba guteganyirizwa, agatozwa umuco wo kuzigama, akigishwa inyigisho zijyanye no kurwanya jenocide n'ingengabitekerezo yayo n'izijyanye n'ubuzima bw'imyororokere hakiri kare.

Umuntu mukuru na we agomba guharanira kugira ubuzima buzira umuze, yita ku mirire ye na we agafata indyo yuzuye irimo ibikomoka ku matungo, ibikomoka ku bihingwa birimo

ibinyamafu, ibinyampeke imboga n’imbuto. Agomba kwita ku isuku mu buryo bwose. Umuntu ufututse ufite ubuzima bwiza kandi, akora siporo n’imyitoto ngororamubiri ku buryo buhagije kugira ngo ayaze ibinure, agatutubikana maze imyanda iri mu mubiri igasohoka.

Ntitwasoza tutavuze ko umuntu agira ubuzima bwiza iyo aruhuka. Gukora ubutaruhuka bitera umuntu guhora ananiwe, umubiri ntukore neza akarwara kamufashe kakamuzahaza. Umuntu urwara akivuka neza kandi kare usanga ameze neza. N’abantu bakuru babungabunga ubuzima bitabira gahunda y’inkingo ziteganywa na minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo. Nk’ubu abana b’abakobwa bahabwa urukingo rwa kanseri y’inkondo y’umura. Umuntu nyamuntu agomba kandi kwirinda ibyamuhungabanya nk’ibiyobyabwenge, ingeso z’ubusambanyi yakwanduriramo indwara zitandukanye n’ibindi.

I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Gahunda yo kwita ku buzima bw’umwana Leta yitayeho cyane ireba umwana wo mu kihe kigero?
2. Vuga ibintu bine biranga umuntu ufite ubuzima buzira umuze.
3. Garagaza ibintu nibura bitanu umuntu akeneye byamufasha kugira ubuzima buzira umuze.
4. Ku bwawe kuki umugore utwite agomba kwipimisha kandi igihe cyo kubyara cyagera akabyarira kwa muganga ?
5. Uhereye no ku bivugwa mu mwandiko vuga ibintu bine bishobora gutuma umuntu akurana ihungabana.
6. Ni ibihe bintu bivugwa mu mwandiko umuntu akwiye gutozwa kuva akiri muto?

II. Inyunguramagambo : Shaka ibisobanuro by’amagambo yakoreshejwe mu mwandiko

- a) Ihungabana:
- b) Imfashabere:
- c) Inkingo:
- d) Umuze:

III. Ikibonezamvugo

1. Garagaza ntera ziri mu nteruro zikurikira :


- a) Umuntu mukuru na we agomba guharanira kugira ubuzima bwiza.
- b) Umugabo n’umugore bagomba gutekerereza hamwe uko abana bavukana ubuzima bwiza, bakanakurana amagara mazima.
- c) Umuntu urwara akivuza neza kandi kare usanga ameze neza. N’abantu bakuru babungabunga ubuzima bitabira gahunda nziza leta yabashyiriyeho.

2. Subiza “OYA” cyangwa “YEGO” ku nteruro zikurikira:

- a) Ntera igira uturemajambo tubiri : Indanganteko (RT) n’igicumbi (C).
- b) Ntera igira uturemajambo dutatu : Indomo (D), indanganteko (RT) n’igicumbi (C).
- c) Iyo ntera ifashe indomo ikomeza kuba ntera.
- d) Ntera yafashe indomo ihinduka igisantera.
- e) Ntera yafashe indomo ihinduka izina ntera.

3. Garagaza uturemajambo n’amategeko y’igenamajwi ku magambo aciyeho akarongo:

- a) Amazi ni meza ku buzima bw’umuntu.
- b) Ngewe mfite ikirenge gito zino nkweho ni nini ntizankwira
- c) Mu ishuri ryacu dufitemo abana beza badasakuza.
- d) Muri iki gihe inka nyinshi zisigaye zororerwa mu biraro.



Iby'ingenzi ngomba kwibuka mu mbumbe ya kane:

- Kuva ubu, mfashe ko imbuto ari ingenzi cyane mu buzima bw'umuntu mu kwirinda no kurwanya indwara.
- Mfashe kandi ko ntera ari akajambo kagaragira izina kakanisanisha na ryo gafata indanganteko yaryo ho indangasano kandi ikinjira mu nteko zose z'amazina.
- Nsigaranye ko iyo ntera ifashe indomo ihita igira uturemajambo dutatu nk'utw'izina bityo igahinduka izina ntera.
- Ntera igira uturemajambo tubiri, indangasano (RS) n'igicumbi (C), aho indangasano (RS) ari igice cya ntera gihinduka bitewe n'izina biri kumwe, mu gihe igicumbi (C) cya ntera cyo ari igice cyayo kidahinduka iyo hakozwe igoragoza kandi ni cyo gice kigaragaza inyito (igisobanuro) yayo.


1. Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Nk’uko byavuzwe ku ntangiriro y’iyi mbumbe, nta buryo buri bwo cyangwa ubutari bwo bwo gusubiza iki kibazo; ahubwo ni ibigufasha wowe ubwawe muri iyi nyigisho. Tekereza wowe ubwawe niba nyuma yo kwiga iyi mbumbe irangiye, ibi noneho washoboye kubikora n’ikigero ubishoboyeho. Soma ibibanza mu kazu ko hejuru hanyuma ushyire akamenyetso aho ubona hajyanye n’ikigero cy’uko ubyumva.

2. Uzuza iyi mbonerahamwe kandi wibuke kwereka umutoza ibyo wujemo.

Iyakozwe neza	Ibikeneye kongerwamo Imbaraga	Ibikorwa byakwifashishwa mu kongera imbaraga aho bikenewe
1.	1.	1.
2.	2.	2.
3.	3.	3.
4.	4.	4.

IMBUMBE 5: GUKORESHA IMYANDIKIRE IKWIYE Y'IKINYARWANDA.



Inshamake y'imbumbe:

Muri iyi mbumbe “Gukoresha imyandikire ikwiye y’Ikinyarwanda”, mu gice cy’umwandiko hagaragaramo ibigendanye n’ubuzima bw’imyorokere’aho abantu bamwe bafite imyumvire itari yo, batekereza ko gukora imibonano mpuzabitsina ngo byaba bivura indwara y’ibishishi.

Mu gice k’ikibonezamvugo, dusangamo amategeko y’imyandikire y’Ikinyarwanda yasobanuwe neza hibandwa ku moko y’amagambo. Tunareba kandi ikata n’itakara ry’inyajwi byakoreshejwe neza hubahirizwa amategeko y’imyandikire abigenga.

Nk’uko twabibonye mu mbumbe zabanje, iyi mbumbe na yo isozwa n’imyitozo nshimangirabumenyi ifasha kureba niba umutozwa yumvise neza ibyo yize.

Gusuzuma ubushobozi umutozwa afite ku nyigisho igiye kwigwa mu mbumbe ya 5

1. Itegereze ishusho. Urabonaho iki? Ibyo ubonaho urabona biganisha ku ki? Utekereza ko muri iyi mbumbe twigamo iki?

2. Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Nta buryo buri bwo cyangwa ubutari bwo bwo gusubiza iki kibazo; ahubwo ni ibigufasha wowe ubwawe muri iyi nyigisho. Tekereza wowe ubwawe niba ibi ushoboye kubikora n’ikigero ubishoboyeho. Soma ibibanza mu kazu ko hejuru hanyuma ushyire akamenyetso aho ubona hajyanye n’ikigero cy’uko ubyumva.

Inararibonye ryange	Nta kintu na	Nziho	Nziho	Nziho	Ndiyizeye
Ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya	kimwe nzi ku mikoreshere ze yabyo.	bike.	ibiringani ye.	byinshi.	e ku mikores hereze yabyo.
Kumenya ubuzima bw'imyororokere.					
Kumenya neza ko gukora imibonano mpuzabitsina bitavura indwara y'ibishishi.					
Kumenya amagambo yandikwa afatanye mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.					
Kumenya amagambo yandikwa adafatanye mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.					
Gutandukanya amagambo afatana n'adafatana mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.					
Kumenya ikata ry'inyajwi mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.					
Kumenya itakara ry'inyajwi mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.					

 Ubushobozi fatizo

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukesha
1. Kumenya ko gukora imibonano mpuzabitsina bitavura indwara y'ibishishi.	1. Kugaragaza ko gukora imibonano mpuzabitsina bitavura indwara y'ibishishi	▪ Gushishoza
2. Kumenya amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda hagendewe ku moko y'amagambo.	2. Kugaragaza amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda hagendewe ku moko y'amagambo.	▪ Kubaha
3. Kumenya ikata n'itakara ry'inyajwi byakoreshejwe neza hubahirizwa amategeko y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.	3. Kugaragaza ikata n'itakara ry'inyajwi byakoreshejwe neza hubahirizwa amategeko y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.	▪ Kwita kubint bito bito

Ivumburamatsiko

Itegereza amashusho maze wungurane ibitekerezo na mugenzi we mwicaranye ku byo mubonaho, ibyigwa mutekereza ko imbumbwe iri bwibandeho mugendeye ku mashusho. Nyuma yo kungurana ibitekerezo, musubize ibibazo bikurikira bibafasha gutahura ibigiye kwigwa muri iyi mbumbwe (umutoza azajya ababaza mumusubize mugendeye ku mabwiriza y'umutoza).

Ibibazo:

1. Iyi shusho iratwerekako iki?
2. Ese aho mutuye hari abajya batwara inda zitateganyijwe?
3. Mwaba se muzi ingaruka zo gukora imibonano mpuzabitsina itemewe?
4. Mujya se muganirizwa ku byerekeranye n'ubuzima bw'imyororokere?
5. Mukurikije ibi bibazo mbabajije murumva tugiye kwiga iki muri iyi mbumbwe?

Ikigwa 5.1. Umwandiko: Ese gukora imibonano mpuzabitsina bivura indwara y'ibishishi?

Kera tukiga mu mashuri abanza, twajyaga twumva ibihuha bitandukanye ku buzima bw'imyororokere. Hari nk'aho bajyaga bavuga ku byerekeye ibaba ry'inyoni bita matene ngo ryakoraga **ibitangaza** ku bahungu babaga bashaka kwigarurira imitima y'abakobwa. Ngo iyo wabonaga iryo baba maze ukarikoza mu nkari z'umukobwa wifuza, ngo yahitaga agukunda akakwishakira. Habaga n'ikindi gihuha kandi aho bavugaga ko umuhungu iyo yakoraga ku ibere ry'umukobwa ngo yahitaga amukunda. Ibi byo byatumaga abahungu bakubitwa iz'akabwana bakoze ku mabere y'abakobwa maze bakabarega.

Ikindi gihuha cyahozeho kandi kikiriho ari na cyo nshaka kuvugaho uyu muni ni ikerekeye indwara y'ibishishi. Hanze aha rumwe mu rubyiruko ruracyafite amakuru ko iyo umukobwa arwaye ibishishi maze agakora imibonano mpuzabitsina cyangwa se agasigaho amaraso y'imihango bikira. Nahoze nkora ubushakashatsi ngo ndebe aho ibi byavuye ariko ntibyoroshye kumenya aho imyumvire nk'iyi iba yaraturutse. Igitangaje kandi ni uko iyi myumvire iri hose; haba mu Rwanda ndetse no mu mahanga.

Iby'uko ibishishi bishobora gukizwa no gukora imibonano mpuzabitsina ni ibintu abantu bose bajyaho impaka. Ni nka rwa rwenya rugira ruti: "Bamwe barabyemeza abandi bakabihakana". Ariko iby'uko kwisiga amaraso y'umukobwa wagiye mu mihango bikiza ibishishi byo si byo. Ni abadasobanukiwe babivuga. Rero tugiye kurebera hamwe niba koko gukora imibonano mpuzabitsina bikiza indwara y'ibishishi.

Nk'uko bikunze gusobanurwa kenshi ku ndwara y'ibishishi, hari isano yumvikana hagati y'indwara y'ibishishi n'ubuzima bw'imyororokere. Bimwe mu bitera iyi ndwara ni ukwiyongera kw'imisemburo y'imyororokere ya sitorojene na tesitositerone (Estrogen na Testosterone). Iyi misemburo itangira gukorwa ku bwinshi mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu. Iyi ni nayo mpamvu iyi ndwara ikunze kwibasira cyane ingimbi n'abangavu.

Ubushakashatsi bwerekanye ko gukora imibonano mpuzabitsina myiza (Ni ukuvuga

ubyemerewe kandi nta ngaruka bizakugiraho) bigira ingaruka nziza ku buzima bw'umuntu. Muri zo harimo no kugabanya umunaniro w'ubwonko. Umunaniro w'ubwonko kandi wongerera ibyago byo kwibasirwa n'iyi ndwara y'ibishishi. Rero hari abitwaza iyi ngingo maze bakemeza ko gukora imibonano mpuzabitsina bikiza indwara y'ibishishi. Ni byo imibonano mpuzabitsina ishobora kugabanya umunaniro w'ubwonko ariko iyo abayikora batashakanye akenshi ni yo iba intandaro y'ukwiyongera kwa k'umunaniro w'ubwonko ahubwo na ya ndwara washakaga kuvura ikiyongera.

Hari abantu kandi batekereza ko gukora imibonano mpuzabitsina bigabanya imisemburo mu mubiri w'umuntu maze icyateraga ibishishi kikavaho. Niba nawe utekereza muri ubwo buryo reka ngukurire inzira ku murima. Imisemburo tuvuga ntabwo ari amasohoro ngo ibe yasohoka mu gihe k'imibonano mpuzabitsina. Ubundi abantu bese, baba abakora imibonano mpuzabitsina cyane cyangwa se abatayikora namba, bagira urugero rw'imisemburo bagira kandi akenshi ijya kungana.

Rero ubwinshi by'imisemburo ntibwiyongera kubera imibonano mpuzabitsina. Bene iyi myumvire itari yo ku misemburo iriganje ahantu henshi kandi igisekeje nuko iba ivuguruzanya. Ni nka kwa kundi abantu bajya babona umukobwa ufite amabere manini bagahita bafata umwanzuro ko afite imisemburo myinshi ngo yatewe n'uko akora imibonano mpuzabitsina cyane! Nonese iyo bigeze ku mabere imibonano mpuzabitsina yongerera imisemburo naho ku bishishi ikayigabanya? Ni ibinyoma. Ese kuki hari abagore bafite abagabo bafite ibishishi? Iki kibazo nawe wakibaza maze ukumva ku buryo bworoshye niba gukora imibonano mpuzabitsina bikiza ibishishi. Ukuri ni uko imibonano mpuzabitsina idakiza ibishishi.



Ikigwa cya 5.1 Umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Subiza ibibazo bikurikira:

1. Ese indwara y'ibishishi urayizi? Uyiziho iki?
2. Ubusanzwe se uri mu batekereza ko yaba iterwa no kudakora imibonano mpuzabitsina? Sobanura uko usanzwe ubizi.
3. Waba se ufite ubumenyi buhagije ku buzima bw'imyororokere?

Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho 5.1

- Abadasobanukiwe iby'ubuzima bw'imyororokere bajyaga bazana ibihuha bitandukanye ku buzima bw'imyororokere.
- Hari nk'aho bajyaga bavuga ko ibaba ry'inyoni bita matene ngo ryakoraga ibitangaza ku bahungu babaga bashaka kwigarurira imitima y'abakobwa.
- Ngo iyo wabonaga iryo baba maze ukarikoza mu nkari z'umukobwa wifuza, ngo yahitaga agukunda akakwishakira.
- Habaga n'ikindi gihuha kandi aho bavugaga ko umuhungu iyo yakoraga ku ibere ry'umukobwa ngo yahitaga amukunda.
- Hanze aha rumwe mu rubyiruko rugifite imyumvire itari yo ko iyo umukobwa arwaye ibishishi maze agakora imibonano mpuzabitsina cyangwa se agasigaho amaraso y'imihango bikira.

- Igitangaje kandi ni uko iyi myumvire iri hose; haba mu Rwanda ndetse no mu mahanga.
- Nk'uko bikunze gusobanurwa kenshi ku ndwara y'ibishishi, hari isano yumvikana hagati y'indwara y'ibishishi n'ubuzima bw'imyororokere.
- Bimwe mu bitera iyi ndwara ni ukwiyongera kw'imisemburo y'imyororokere ya sitorojene na tesitositerone (Estrogen na Testosterone). Iyi misemburo itangira gukorwa ku bwinshi mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu.
- Iyi ni na yo mpamvu iyi ndwara ikunze kwibasira cyane ingimbi n'abangavu.
- Nyuma y'impaka zitandukanye ku bavuga ko gukora imibonano mpuzabitsina bivura indwara y'ibishishi, ukuri ni uko atari byo.



Igikorwa cy' umwitozo wunganiwe



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Subiza ibibazo bikurkira:

- 1) Ni iyihe myumvire abantu cyane cyane urubyiruko bafite ku buzima bw'imyororokere?
- 2) Ese imyumvire y'uko imibonano mpuzabitsina ishobora kuvura ibishishi yaba yarakomotse he?
- 3) Iyo bavuze imibonano mpuzabitsina myiza baba bashatse kuvuga iki?
- 4) Ese umaze gusoma uyu mwandiko wasobanurira abandi ute igitera indwara y'ibishishi?
- 5) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko ?



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakoze imbere y'abandi batozwa. Uwankeneraho ubufasha yambwira kugira ngo abashe kunoza umurimo we.

Himba interuro ukoresheje amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira :

1. Ubuzima bw'imyororokere:
2. Ibihuha:
3. Ibishishi:
4. Ubugimbi:
5. Ubwangavu:
6. Intandaro:
7. Gukurira umuntu inzira ku murima

Ikigwa 5.2: Amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda hagendewe ku moko y'amagambo.



Ikigwa 5.2 Umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Itegereze amagambo ari mu mukara utsitse ari muri izi nteruro hanyuma usubize ibibazo bikurikira:

- Ndumva **na we** umeze **nka nge**.
- Ndabona **na twe** tumeze **nka mwe**.
- Ndakwemeye burya **na we** uri umwihanduzacumu.
- Turi amahoro, iwacu **nta we urwaye**
- Nyiri icyubahiro** Musenyeri azasura ishuri ryacu mu minsi ya vuba.

Ibibazo:

- 1) Ese aya magambo urabona ari uku akwiye kwandikwa? Kubera iki?
- 2) Ongerwa wandike izi nteruro neza uzandika uko zikwiye kwandikwa.

Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho 5.2

Amategako y'imyandikire y'Ikinyarwanda hagendewe ku moko y'amagambo.

- **Amagambo yandikwa afatanye:**

- ✓ Amabwiriza agenga ifatana ry'amagambo mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda ari mu ngingo zinyuranye:

Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda iteganya amagambo yandikwa afatanye aha hakurikira:

 **Ingingo ya 1:** Amazina y'inyunge harimo n'amazina bwite y'inyunge yandikwa afatanye.

Ingero:

- Umwihanduzacumu
- Rugwizangoga

 **Ingingo ya 2:** Ibyungo "na" na "nka" bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga nyakuvuga na nyakubwirwa (ngenga ya 1 n'ya 2) byandikwa mu ijambo rimwe.

Ingero:

- Ndumva nawe umeze nkange.
- Ndabona natwe tumeze nkamwe.

 **Ingingo ya 3:** Ikinyazina ngenera gikurikiwe n'ikinyazina ngenga byandikwa mu ijambo rimwe.

Ingero:

- Umwana wange.
- Amafaranga yabo

 **Ingingo ya 4:** Impakanyu "nta" yandikwa ifatanye n'inshinga itondaguye iyikurikiye.

Ingero :

- Iwacu ntawurwaye.
- Muri iri shuri ntabatsinzwe.

 **Ingingo ya 5:** Ibinyazina ngenga byo mu nteko ndangahantu “ho”, “yo”, “mo (mwo)” n’akajambo “ko” bifatana n’inshinga bikurikiye mu gihe iyo nshinga atari “ni” cyangwa “si”.

Ingero:

- Wa mugabo nimusangayo turagenderako ntitugaruka.
- Umuryango we wamuhaye umurongo agenderaho.

 **Ingingo ya 6:** Ijambo “ni” rikurikiwe n’inshinga ifite inshoza yo gutegeka cyangwa iyo guteganya ryandikwa rifatanye na yo.

Ingero:

- Nimugende mudasanga imodoka yabasize.
- Nimugerayo muzamunsuhurize.

 **Ingingo ya 7:** Amagambo yerekana ibihe yandikwa mu ijambo rimwe: “nimunsi”, “nijoro (ninjoro)”, “nimugoroba”, “ejobundi”.

Ingero:

- Aragera ino nijoro.
- Yatashye ejobundi.

 **Ingingo ya 8:** Ijambo “munsi” ryerekana ahantu na ryo ryandikwa mu ijambo rimwe.

Urugero:

Imbeba yihishe munsi y’akabati.

 **Ingingo ya 9:** Imigereka ndangahantu iremewe ku ndangahantu “i” (imuhira, iheru, iburyo, ibumoso, ivure, imbere, inyuma, ibwami...) n’amagambo akomoka kuri “i” y’indangahantu ikurikiwe n’ikinyazina ngenera “wa”, n’ikinyazina ngenga yandikishwa ijambo rimwe.

Ingero:

- Nujya iburyo ndajya ibumoso.
- Mbwirira abari ikambere bazimanira abashyitsi.
- Nimuza iwacu nzishima.

 **Ingingo ya 10:** Amagambo afatiwe hamwe akarema inyumane y’umugereka, inyumane y’icyungo cyangwa iy’irangamutima akomoka ku binyazina bitakibukwa amazina bisimbura yandikwa afatanye.

Ingero:

- Niko, uraza?
- Urahinga nuko uteza.

 **Ingingo ya 11:** Amagambo ashingiye ku isubiramo yandikwa afatanye.

Ingero:

- Perezida yavuze ijamba arangije amashyi ngo: “kacikaci”!
- Babwire bage binjira umwumwe.

 **Ingingo ya 12:** Ijambo “nyiri” iyo riri mu mazina amwe n’amwe y’icyubahiro rifatana n’ijamba ririkurikiye.

Ingero:

- Nyiricyubahiro Musenyeri
- Nyirubutungane Papa.

- **Amagambo yandikwa atandukanye**

Amabwiriza agenga itandukana ry’amagambo mu myandikire yemewe y’Ikinyarwanda :

Imyandikire yemewe y’Ikinyarwanda iteganya amagambo yandikwa atandukanye aha hakurikira :

 **Ingingo ya 1 :** Amagambo mfutuzi yandikwa atandukanye n’amagambo afuturwa.

Ingero:

- Inama Njyanama
- Inyandiko mvugo

 **Ingingo ya 2:** Amazina nteruro agizwe n’amagambo arenze ane yo mu bisingizo, mu byivugo no mu migani yandikwa atandukanyijwe kandi agashyirwa mu twuguruzo n’utwugarizo.

Ingero:

- Ubwo “Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica” aba arashinze.
- “Saruhara rwa Nkomokomo umwami w’ibishwi n’ibisiga.”

 **Ingingo ya 3:** Ibyungo “na” na “nka” bikurikiwe n’ibinyazina ngenga bivuga nyakuvugwa (ngenga ya 3) byandikwa bitandukanye n’ibinyazina ngenga.

Ingero:

- Ndumva na we ameze nka bo.
- Ndabona na ko kameze nka bwo.

 **Ingingo ya 4:** Impakanyi “nta” yandikwa itandukanye n’ubundi bwoko bw’ijambo riyikurikiye ritari inshinga itondaguye.

Ingero:

- Nta we mbona.
- Nta cyo ndwaye.

 **Ingingo ya 5:** Ibinyazina ngenga byo mu nteko ndangahantu “ho”, “yo”, “mo (mwo)” n’akajambo “ko” bitandukana n’inshinga ibikurikiye mu gihe iyo nshinga ari “ni” cyangwa “si”.

Ingero:

- Ni ho ngiye.
- Si ko avuze.

 **Ingingo ya 6:** Akajambo “ko” kunga inyangingo ebyeri gatandukana n’amagambo agakikije.

Ingero:

- Nizeye ko tuzatsinda.
- Hari abivugiye ko ubwo bukwe bagiye kububiyazamo inkuru zishushanyije.

 **Ingingo ya 7:** Urujyano rurimo ijambo “ngo” kimwe n’ibinyazina “wa wundi”, “bya bindi”, “aho ngaho”, “uwo nguwo” n’ibindi biremetse nka byo byandikwa mu magambo abiri.

Ingero:

- Kugira ngo wa wundi atakubura, ukwiye kuba ugumye aho ngaho.
- Fata aka ngaka, ibyo ngibyo bireke.

 **Ingingo ya 8:** Amagambo “ku” na “mu” yandikwa atandukanye n’ikinyazina ngenera ndetse no mu magambo “ku wa” na “mu wa” abanziriza itariki cyangwa umubare mu izina ry’umunsi.

Ingero:

- Sindiho ku bwabo.
- Navutse ku wa 12 Ugushyingo.
- Azaza ku wa Mbere.
- Yiga mu wa Kane.

 **Ingingo ya 9:** Ijambo “(i) saa”, rikurikiwe n’umubare byerekana isaha byandikwa mu magambo atandukanye.

Ingero:

- Abashyitsi barahagera saa tatu.
- I saa yine haba hakiri kare.

 **Ingingo ya 10:** Indangahantu “i” ikurikiwe n’izina bwite ry’ahantu yandikwa itandukanye n’iryo zina. Ingero:

- I Kirinda
- I Muyunzwe

 **Ingingo ya 11:** Inshinga mburabuzi “ari” iyo ikoreshejwe mu nyangingo ngaragira yandikwa itandukanye n’ikinyazina kiyibanziriza n’ikiyikurikira.

Ingero:

- Itegeko rihana umuntu uwo ari we wese wangiza umutungo wa Leta.
- Ibyo ari byo byose sindara ntaje kukureba.

 **Ingingo ya 12:** Amagambo ahuje ishusho n’inyumane, ibinyazina biri kumwe bikerekeza ku kintu kizwi cyangwa kibukwa mu buryo bugaragara byandikwa bitandukanye.

Ingero:

- Uko arya ni ko akora.
- Uku kwezi ni uko guhinga.

 **Ingingo ya 13:** Amazina bwite y’ibihungu n’ay’aturere afite indomo yandikwa atandukanye n’iyo ndomo. Iyo ndomo yandikwa mu nyuguti nto, keretse iyo itangira interuro.

Ingero:

- A Marangara n’i Gisaka ni tumwe mu turere twa kera tuvugwa mu mateka y’u Rwanda.
- U Bubirigi ni kimwe mu bihugu by’i Burayi.

 **Ingingo ya 14:** Akabimbura “nyiri” n’inshinga mburabuzi “ni” na “si” byandikwa bitandukanye n’amazina abikurikiye.

Ingero:

- Nyiri ubwenge aruta nyiri uburyo.
- Amasunzu si amasaka.
- Umwana ni umutware.



Igikorwa cy'umwitozo wunganiwe



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Subiza “OYA” cyangwa “YEGO” niba amagambo ari mu mukara utsitse yanditse neza.

1. Ndumva nawe umeze **nka nge**.
2. Ndabona natwe tumeze **nka mwe**.
3. Ndakwemeye burya **na we** uri umwihanduzacumu.
Turi amahoro, iwacu **ntawurwaye**.
4. **Nyiri icyubahiro** Musenyeri azasura ishuri ryacu mu minsi ya vuba.



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakozwe imbere y'abandi batozwa. Uwakenere ubufasha wese yambwira kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

Kosora izi nteruro aho biri ngombwa:

1. Ako nako niko ko, nta ko ntagize ngo kamere nka kakandi.
2. Tugomba gukora vuba uyu mwitozo mu matsinda ya bane bane kugirango nibura tuzawurangize ejo bundi mu gitondo.
3. Yaje ni uko arambwirango njyane nabo gusura wa mwana; ngo nawe numwana nk'abandi.

Ikigwa 5.3: Ikata n'itakara ry'inyajwi mu myandikire y'Ikinyarwanda ikwiye.



Ikigwa 5.3 Umwitozo 1



Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe, mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo akaza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

Itegereze amagambo aciyeho akarongo muri izi nteruro maze usubize ibibazo bikurikira:

- Mbaye ngiye ni aho ubutaha.
- Ntuye mu u Mutara.
- Wakomerekejwe ni iki ?
- Umuhandu s'umuharuro.
- Ishuri ryacu ryigamo ibitsina byombi : abakobwa ni abahungu.

Ibibazo:

1. Ese aya magambo urabona ari uku akwiye kwandikwa muri izi nteruro? Kubera iki?
2. Urabona se hari ukundi wakwandikamo aya magambo aciyeho akarongo?
3. Ngaho ongera wandike neza izi nteruro ukurikije uko wumva zikwiye kwandikwa.

Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho 5.3

- Ikata n'itakara ry'inyajwi mu myandikire y'ikinyarwanda ikwiye.

- ✓ Ikata ry'inyajwi zisoza ibinyazina ngenera n'ibyungo “na” na “nka”

Inyajwi zisoza ikinyazina ngenera n'ibyungo “na” na “nka” zirakatwa iyo zikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi ariko inyajwi isoza ikinyazina ngenera gikurikiwe n'umubare wanditse mu mibarwa ntikatwa.

Ingero:

- ✚ Wakomerekejwe **n'iki**?
- ✚ Nta kibyara **nk'**intare **n'ingwe**.
- ✚ Umubare **w'**amashuri **y'**imyuga uriyongera.
- ✚ Nyereka uko batsa tereviziyo **n'uko** bayizimya.
- ✚ Umwaka **w'**ibihumbi bibiri na cumi **n'ibiri**
- ✚ Umwaka **wa** 2012.

- ✓ Inyajwi zisoza zidakatwa

- ✚ Inyajwi zisoza amagambo ntizikatwa.

Urugero:

- Kabya inzosi

- ✚ Inyajwi “i” isoza akabimbura “**nyiri**”, n'inshinga mburabuzi “**ni**” na “**si**” ntizikatwa.

Ingero:

- **Nyiri** ubwenge aruta **nyiri** uburyo
- Amasunzu **si** amasaka
- icyatumye ejo ntaza iwawe **ni** uko natashye ndwaye.

Icyakora ijambo “**nyiri**” iyo riri mu mazina amwe n'amwe y'icyubahiro rifatana n'ijambo ririkurikiye.

Urugero:

- **Nyiricyubahiro** Musenyeri.

Naho “**nyira**” ivuga “**nyina wa**” ikoreshwa mu mazina, ifatana n’ijambo ibanjirije.

Urugero:

- **Nyirabukwe** aramukunda.

Itakara ry’inyajwi zisoza ijambo

- ✓ **Inyajwi zitangira amazina akurikira indangahantu “mu” na “ku”:**

Inyajwi itangira amazina bwite n’amazina rusange akurikiye indangahantu “**mu**” na “**ku**” iratakara, keretse mu ijambo ritangirwa n’inyajwi “**i**”.

Ingero:

-  **Mu Mutara** higanje imisozi migufi.
-  Mu **Kagera** habamo ingona.
-  Amatungo yanyuze **mu murima**.
-  Kwita **ku nka** bigira akamaro.
-  Abana bavuye **ku** iriba bajya **mu** ishuri.
-  Banyuze **mu** ishyamba.

- ✓ Inyajwi zisoza indangahantu “**ku**” na “**mu**” ntizikatwa kandi zandikwa iteka zitandukanye n’izina rizikurikira.

Ingero:

-  Amatungo yanyuze **mu murima**.
-  Kwita **ku nka** bigira akamaro.



Igikorwa cy'umwitozo wunganiwe



Umwitozo: Mu matsinda ya banebane, mwungurane ibitekerezo ku bibazo mwabajijwe mwubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye hanyuma nyuma yo kungurana ibitekerezo araza kumurika imbere y'abandi ibyo mwagezeho. Aho mugira imbogamizi mubaze umutoza arabafasha.

1. Erekena ahantu hamwe inyajwi ishobora gutakara mu myandikire y'Ikinyarwanda utange n'urugero mu nteruro ngufi.
2. Erekena ahantu habiri inyajwi ikatwa mu myandikire y'Ikinyarwanda hanyuma utange urugero mu nteruro ngufi.



Igikorwa cy'umukoro ngiro



Umwitozo: Gukora umukoro ngiro bisaba gutekereza cyane mu buryo bwagutse, gakorana ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo ushobore kwaguka mu mitekerereze. Buri wese akora ku giti ke kandi akaza kumurika anasobanura ibyo yakoze imbere y'abandi batozwa. Uwagira imbogamizi wese cyangwa akankeneraho ubufasha ambwire kugira ngo ashobore kunoza umurimo we.

Kosora imyandikire mu nteruro zikurikira:

1. Mu Umutara higanje imisozi migufi.
2. Mu Akagera habamo ingona.
3. Amatungo yanyuze mu umurima.
4. Kwita ku inka bigira akamaro.
5. Karangwa ati: "Uyu n'umwana wange nkunda cyane" nkamwishimira.
6. Akigera k'umuhanda yahasanze imodoka ya nyir'aya mazu iparitse kw'isoko.



Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize risoza imbumbwe ya gatanu

Umwandiko: kwakirana urugwiro abakugana

Kwakira neza abakugana ni imwe mu ndangagaciro z'Abanyarwanda kuva kera kugeza ubu. Ibyo bigaragazwa n'imvugo ndetse n'imigani migufi nk'uyu ugira uti: "Umushyitsi akurisha imbuto". Bisobanura ko umushyitsi ushobora no kumwakiriza ibyo wari warizigamiye byari kuzagufasha mu gihe kizaza. Abagana umuntu bashobora kuba ari: abashyitsi, abakiriya n'abandi bahisi n'abagenzi.

Mu muco w'Abanyarwanda bo hambere rero, umushyitsi iyo yakugendereraga wagombaga kumwakira neza uko ushoboye kose. Ibyo byatumaga yishima kandi ntanatahe akuvuga nabi. Abanyarwanda bangaga umugayo.

Kwakira neza abakugana rero ni imwe mu ndangagaciro zishamikiye ku murimo ndetse n'ubupfura. Burya kwakira neza abakugana biroroshye. "Mwiriwe, tubafashe iki? Nimwicare muruhuke, murakoze". Ayo magambo kimwe n'ayandi meza nk'ayo aroroshye. Ni magufi, kuyabwira abaje bagusanga nta muntu byagombye kugora. Iyo uvuze neza ntacyo uhomba kandi ubwiwe neza agenda anezerewe.

Hari umucuruzi umwe uherutse kuganiriza mugenzi we ati: "Hari igihe wirirwa uvugira ubusa bukira, buri mukiriya wese uje akareba ntagure". Nta cyo bitwaye kuba umukiriya arebye ntagure. Ejo cyangwa ejobundi ashobora kugaruka. Atanagarutse kandi hari ubwo yazaharangira abandi aka ya mvugo ngo: "Utagusabye yanagusabira".

Ibyo ni ko biri mu buzima bwacu bwa buri muni. Kwakira neza abatugana dukwiye kubigira intego kuko uwakiriwe neza agenda abara inkuru y'uko yakiriwe. Ibyo bituma uwakira abamugana neza amenywa n'abantu batandukanye ko uwo muco mwiza umuranga. Bikaba byanatuma benshi bakomeza kumugana kuko baba bazi neza ko bazakiranwa urugwiro. Kwakira neza abatugana tubigire intego kuko burya ngo: "Ijambo ryiza ni mugenzi w'Imana".

I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Uyu mwandiko uravuga ku ki?
2. Ni uwuhe muco w'abakurambere uvugwa mu mwandiko werekeye ku kwakira abashyitsi? 3. Iyo umuntu yakiriwe neza bimumarira iki?
3. Ni izihe nyungu ziva mu kwakira neza abantu bakugana?
4. Rondora amagambo avugwa mu mwandiko aganisha ku kwakira neza abatugana.
5. Nyuma yo gusoma uyu mwandiko wagira abantu iyihe nama mu rwego rwo kwakira ababagana?

II. Inyunguramagambo:

Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko

- a) Umugayo:
- b) Imbuto:
- c) Ubupfura:
- d) Inzitizi:
- e) Kubenguka:

III. IKIBONEZAMVUGO

Kosora izi nteruro wubahiriza amabwiriza y'imyandikire ikwiye y'Ikinyarwanda:

- 1) Ubwanacyambwe n'Ubuganza ni tumwe mu turere two mu Rwanda rwo hambere.
- 2) Wakomerekejwe ni iki?
- 3) Nyir'ubwenge aruta nyir'uburyo
- 4) Amasunzu s'amasaka
- 5) icyatumye ejo ntaza iwawe nuko natashye ndwaye.
- 6) Ndasiba none nejo ejo bundi ndabageraho.



Iby'ingenzi ngomba kwibuka:

- Nsigaranye ko ari ngombwa kwita ku buzima bw'imyororokere.
- Mfashe kandi ko gukora imibonano mpuzabitsina bitavura indwara y'ibishishi.
- Mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda, hari amagambo afatana n'adafatana, hashingiwe ku bwoko bw'ayo magambo.
- Mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda, hari abo biba ngombwa ko inyajwi itakara mu mu rwego rwo kubahiriza imyandikire ikwiye y'Ikinyarwanda
- Hari aho biba ngombwa kandi ko inyajwi ikatwa hakurikijwe amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda, nko ku nyajwi zikurikiye ibyungo “na” na “nka” ndetse n'inyuma y'ikinyazina ngenera gifite igicumbi “-a”.

1. Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Nk'uko byavuzwe ku ntangiriro y'iyi mbumbe, nta buryo buri bwo cyangwa ubutari bwo bwo gusubiza iki kibazo; ahubwo ni ibigufasha wowe ubwawe muri iyi nyigisho. Tekereza wowe ubwawe niba nyuma yo kwiga iyi mbumbe irangiye, ibi noneho washoboye kubikora n'ikigero ubishoboyeho. Soma ibibanza mu kazu ko hejuru hanyuma ushyire akamenyetso aho ubona hajyanye n'ikigero cy'uko ubyumva.

2. Uzuza iyi mbonerahamwe kandi wibuke kwereka umutoza ibyo wujemo.

Ibyakozwe neza	Ibikeneye kongerwamo Imbaraga	Ibikorwa byakwifashishwa mu kongera imbaraga aho bikenewe
1.	1.	1.
2.	2.	2.
3.	3.	3.
4.	4.	4.

IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJE

1. INTEGENYANYIGISHO Y'IKINYARWANDA IKICIRO RUSANGE, Kigali, 2015. Minisitiri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, Ubuyobozi Bukuru bw'Ubushakashatsi n'Ubuhanga mu Nyigisho, IKIBONEZAMVUGO K'IKINYARWANDA, IYIGANTEGO N'IGENAMAJWI, IZINA na NTERA, Igitabo cy'umunyeshuri Imyaka 2 ya mbere Amashuri yose, 1988
2. Igazeti ya Leta no 41 yo ku wa 13/10/2014, Amabwiriza ya Minisitiri no 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire y'Ikinyarwanda, 2014
3. BIZIMANA, S. n'abandi, Imiteêrere y'Ikinyarwanda, Igitabo cya Mbere, IRST, 1998
4. BIZIMANA, S., Imiterere y'Ikinyarwanda, Igitabo cya gatatu, Umusogongero ku buvungano, IRST, 1998
5. MUTAKE Tarisisi, Ikinyarwanda, Ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe "Risanzwe" les éditions de la Régie de l'imprimerie scolaire, 1991
6. INKORANYA Y'IKINYARWANDA MU KINYARWANDA, IRST, 2004.
7. FOUNTAIN PUBLISHERS, IKINYARWANDA, Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatatu amashuri yisumbuye, Fountain Publishers, 2013.
8. RUGAMBA C., Nkubambuze umugani, igitabo cya kabiri, INRS, BUTARE, 1988.
9. Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco 2017. Amategeko y'Igenamajwi ry'Ikinyarwanda Kigali: RALC
10. Microsoft Encarta, 2009. 12. DPES, Ikinyarwanda Gusoma no gusesengura imyandiko I, bifatiye kuri SMITH, P, Le récit populaire
11. Ikinyarwanda, Amashuri Yisumbuye, umwaka wa 1, Igitabo cy'Umunyeshuri, 2017
12. Ikinyarwanda, Amashuri Yisumbuye, umwaka wa kabiri, Igitabo cy'Umunyeshuri, TWUMVE, TUVUGE, DUSOME TWANDIKE, DUHANGE MU KINYARWANDA, 2017
13. Ikinyarwanda, Amashuri Yisumbuye, umwaka wa mbere, Igitabo cy'Umunyeshuri, 2017
14. Ikinyarwanda, Amashuri Yisumbuye, umwaka wa gatatu, Igitabo cy'Umunyeshuri, 2017
15. Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, Amashuri yisumbuye 4, 2017



Gashyantare, 2023